# Imvaho Nshya

*Soma Usobanukirwe Buri Munsi*

NO. E-33 | TARIKI 30 NZERI - 6 UKWAKIRA 2025 | RPC P.O.BOX 3854 KIGALI-RWANDA TEL: +250 785 474 045 E-mail: info@rpc.rw




AMAKURU



Perezida Kagame yatanze ipeti rya Sous-Lieutenant ku basirikare barenga 1 000

4

AMAKURU



U Rwanda na Armenia mu bufatanye mu ikoranabuhanga rigezweho

9

MU NTARA



Gicumbi: Uwari umuyede yoroye inka zimwinjiriza miliyoni 2 Frw ku kwezi

16

SIPORO



Rayon Sports yanganyije na Gasogi United yuzuza umukino wa kane nta ntsinzi

23

# U Rwanda rugowe n'abaturanyi bimakaza ingengabitekerezo ya Jenoside



Mahoro Eric, Umunyamabanga Uhoraho muri MINUBUMWE, asanga ingengabitekerezo ya Jenoside mu Karere ari inzitizi ku Bumwe n'Ubudaheranwa by'Abanyarwanda

**NTAWITONDA Jean Claude**

***Umwe mu migani y'Abarabu n'Abayahudi wamamaye cyane, uvuga ko "Mbere yo gutoranya aho gutura ubanze utoranye umuturanyi", ariko hari igihe bidashoboka mu gihe bigoranye ko watandukana n'abo musangiye imbibi za gakondo yanyu, imipaka n'ibindi bidashobora kwimuka.***

Abaturanyi bo mu Karere k'Ibiyaga Bigari badashaka kwigira ku mateka y'u Rwanda rwasenywe na Jenoside yakorewe Abatutsi mu myaka 31 ishize, batuma ibyabaye bigakangaranya Isi yose hatagize igikorwa byakongera kwisubira.

Kubera amateka asa n'acengeranyemo y'ibyo bihugu, ubu u

KOMEZA KU RUP.3

## U Rwanda rugiye gutangira gupima DNA z'abana bataravuka

**KAMALIZA Agnes**

***Guhera mu ntangiriro z'umwaka wa 2026, Leta y'u Rwanda irateganya gutangiza ibizamini bishya byo kumenya uturemangingo ndangasano (DNA) tw'umwana ukiri mu nda.***

Ni gahunda igiye gutangizwa mu rwego rwo gukomeza kurwanya ihohotera rishingishiye ku gitsina no kwihutisha ubutabera ku bahohotewe.

KOMEZA KU RUP.3

SOMA IMVAHO NSHYA, IGUHE AMAKURU AGEZWEHO BURI MUNSI

# Perezida Kagame yasabye Abofisiye bato bashya guharanira iterambere



**Perezida Paul Kagame yasabye Abofisiye bato bagera ku 1029 basoje amasomo guharanira icyateza imbere Abanyarwanda**

ZIGAMA Theoneste

***Perezida wa Repubulika y'u Rwanda akaba n'Umugaba w'Ikirenga w'Ingabo z'u Rwanda (RDF) Paul Kagame, yashimiye abarangije amasomo ya gisirikare y'Abofisiye bato bagera ku 1029, abasaba guharanira icyateza imbere Abanyarwanda.***

Yabasabye kubaka amahoro mu gihugu no gukorera Abanyarwanda nk'umurimo w'ibanze, kuri uyu wa Gatanu tariki ya 3 Ukwakira 2025, mu muhango wo gusoza amasomo y'aba ofisiye bato bashya binjiye mu Ngabo z'u Rwanda.

Ati: "Ba ofisiye bashya bafite inshingano zo kurinda u Rwanda n'Abanyarwanda, mugomba kuyuzuza uko bikwiye. Ndabashimira ubushake mufite n'ubushobozi bwo kuzuza izo nshingano.

Turifuza ko mwarinda igihugu cy'u Rwanda n'Abanyarwanda ubu ni miliyoni 14, ariko niyo yaba miliyoni imwe, ebyiri cyangwa eshatu, inshingano mufite ni uko igihugu kigira umutekano uhagije, kiba kitavogerwa n'abatagishaka.

Turashaka amahoro, u Rwanda rurayakeneye kuko rwayabuze imyaka myinshi."

Yavuze ko hashize imyaka 31 igihugu cyubaka amahoro n'umutekano no kubanisha Abanyarwanda ndetse no kubana n'ibindi bihugu kandi buri wese akabigiramo uruhare.

Ati: "Uruhare rwanyu nka ba Ofisiye ruratangiye, rubasaba kwitanga, ikinyabupfura, kugira imyumvire myiza kugira ngo mwebwe ubwanyu mubeho neza n'abanyu n'inshuti n'Igihugu kibone aho gihera giteza imbere Abanyarwanda."

Umukuru w'Igihugu yavuze ko yishimiye kwakira abo bofisiye bashya mu ngabo z'Igihugu, aho yashimye ko buri wese yagize umurava n'ubushake mu myitozo ikomeye banyuzemo kugira basoze ayo masomo.

Yashimiye abatoza babo kuko bagize uruhare rukomeye mu kubategura kugira ngo bazabashe kubahiriza inshingano bahawe.

Perezida Kagame kandi yanashimiye ibihugu by'inshuti z'u Rwanda byarufashije mu gutanga amasomo y'abo bofisiye.

Ati: "Ubufatanye bufasha mu gutuma ibihugu gikomeza gutera intambwe igana imbere."

Yashimye n'ababyeyi n'imiryango y'abo basirikare basoje amasomo kuko babafashije kugira ngo barangize ayo masomo no kubafasha gufata icyemezo cyo kuba abasirikare.

Ibirori byo kwakira Abofisiye bato bashya byahuriranye no kwizihiza imyaka 25 ishize Ishuri Rikuru rya gisirikare rya Gako mu Karere ka Bugesera, rimaze ritanga amasomo age nerwa abasirikare bakuru.

# Mukantaganzwa Domitilla yasabye abarahiye gusigasira isura nziza y'ubucamanza

NYIRANEZA Judith

***Ku wa Gatanu tariki ya 3 Ukwakira 2025, Perezida w'Urukiko rw'Ikirenga, Domitilla Mukantaganzwa, yasabye abacamanza n'abanditsi b'inkiko gusigasira isura nziza y'ubucamanza bagatanga ubutabera bushingiye ku mategeko.***

Yabigarutseho ubwo yakiraga indahiro z'abacamanza n'abanditsi b'inkiko, baherutse gushyirwa mu myanya n'Inama Nkuru y'Ubucamanza, abibutsa ko bafite inshingano yo gukorera abaturage kandi bakabaha serivisi nziza.

Yagize ati: "Iyo mwakiriye umuturage nabi burya umuturage aragenda akavuga ati ubu bucamanza bw'iki gihugu cyangwa ati aba abacamanza. Burya abaturage ntibazi no gutandukanya umwanditsi n'umucamanza."

Perezida w'Urukiko rw'Ikirenga, Mukantaganzwa, yavuze kandi ko adashidikanya ko bazasohoza inshingano neza, cyane ko atari bashya muri urwo rwego rw'ubucamanza no kuzirikana ko indahiro ari ingingo y'Itegeko Nshinga.

Yagize ati: "Raporo mfite, nta muntu mushya wavuye hanze uhari, ni abari basanzwee bakorera urwego rw'ubucamanza.

Indahiro abantu benshi ntabwo bajya bibuka ko ari ingingo y'Itegeko Nshinga. Iyo uyishe uba wishe Itegeko Nshinga."

Yibukije impamvu y'irahira nubwo baba bari basanzwe mu rwego rw'ubucamanza.

Ati: "Inshingano z'uru rwego murazizi, murabizi iyo umuntu yiyemeje kuva mu cyiciro kimwe ajya mu kindi, niba wagengwaga n'amasezerano, ukajya mu cyiciro cy'abagengwa na sitati y'abacamanza n'abandi bakozi b'inkiko, niba wari umucamanza kuri base, ukaba umucamanza ku rundi rwego, ubwo haba hari inyongeragaciro yiyongereyeho, iyo ni nayo ituma twongera tukarahira.

Mukantaganzwa yakomeje abibutsa ko urwego rw'ubucamanza rukora mu buryo bw'uruhererekane.

Ati: "Urwego rw'ubucamanza ni urwego rukora mu ruhererekane, ruturuka aho mugiye gukorera besnhi, ruturuka ku nzego z'Ibanze tukagenda tuzamuka uko inzego zikurikirana tukagera ku Rukiko rw'Ikirenga bisobanuye ko abanditsi, abacamanza n'inkiko z'ibanze ni bo benshi dufite, ni mwebwe navuga rwinjiriro, ni mwebwe shusho, ni mwebwe sura y'ubucamanza bw'u Rwanda."

Yanabahaye impanuro yuko iyo sura nziza ireba buri wese.




**Perezida w'Urukiko rw'Ikirenga, Mukantaganzwa Domitilla**

Ati: "Icyo nshaka kubaha nk'impanuto uyu munsi hejuru y'izo duhora tuvuga, ni uko mwazirikana ko isura nziza y'ubucamanza twese turayishinzwe, ariko by'umwihariko mwebwe murayishinzwe, kuko ni mwe abaturage batangiriraho, ni mwebwe benshi baza bagana, ni mwebwe benshi baza basaba ibyo bakeneye mu nkiko."

Perezida w'Urukiko rw'Ikirenga, Mukantaganzwa yabasabye kuzaba intumwa nziza, aho boherejwe gukora.

Ati: "Ubwo rero aho mugiye gukora twabohereje, muzagende mube intumwa nziza, muzagende mutunganye inshingano neza, muzagende mwakire abaturage neza, kandi mutange ubutabera bushingiye ku mategeko, nta marangamutima."





# U Rwanda rugowe n'abaturanyi bimakaza ingengabitekerezo ya Jenoside

IBIKURIKIRA URUP.1

Rwanda ruracyahura n'inzitizi zikomeye ku rugendo rw'ubumwe n'ubudaheranwa zishingiye kuri ayo mateka agenda yisubira.

Minisiteri y'Ubumwe bw'Abanyarwanda n'Inshingano Mboneragihugu (MINUBUMWE), itangaza ko abagifite imyumvire y'ivanguramoko n'amacakubiri yarenze y'inkike z'u Rwanda bakiri ikibazo muri sosiyete.

Mahoro Eric, Umunyamabanga Uhoraho muri MINUBUMWE, yagize ati: "Kuva Abakoloni baza bagasenya imiyoborere yacu, bagasenya indangagaciro za Kinyarwanda, za Repubulika na zo zikurikiyeho zigakomeza imiyoborere mibi yo kuvangura Abanyarwanda, Abatutsi bakirukanwa ndetse iyo ngengabitekerezo tukaba tukiyibona n'ibisigisigi byayo bikaba bitutumba no mu Karere turimo aho bimwe mu bihugu duturanye bigifite imiyoborere ishingiye ku bwoko, buriya ni agahomamunwa. Umuntu utaratekereza ngo arenge iyo myumvire aba ari ikibazo gikomeye mu bandi."

Mu kiganiro cyagarukaga ku bikorwa by'Ukwezi k'Ukwakira kwahariwe kuzirikana Ubumwe n'Ubudaheranwa bw'Abanyarwanda cyatambutse kuri RBA kuri iki Cyumweru tariki ya 5 Ukwakira, Mahoro yagaragaje ko amahitamo y'u Rwanda n'ubuyobozi burangajwe imbere na Perezida wa Repubulika Paul Kagame, ari ukubakira iterambere ry'Igihugu ku bumwe.

Izindi nzitizi yagarutseho zirimo abasigaye bifashisha ikoranabuhanga mu gukwirakwiza imvugo z'urwango, amacakubiri n'ingengabitekerezo ya Jenoside, aho imyumvire y'abateguye bakanashyira mu bikorwa Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994 ikomeza kwanduza urubyiruko rutagira amakenga.

Mukamana Soline, Umuyobozi w'Akarere ka Burera, yagaragaje izindi nzitizi z'ubumwe n'ubudaheranwa zabonetse mu Karere ayoboye zirimo bamwe babonetseho ingengabitekerezoi ya Jenoside, kwironda kw'Abanyaburera no kwivangura bashingiye ku duce bakomokamo.

Yavuze ko nubwo izo nzitizi ari nke cyane, na zo zahagurukiwe kugira ngo zitarushaho kwanduza Umuryango nyarwanda ubarirwa ku gipimo cy'ubumwe n'ubwiyunge kiri hejuru ya 94% nk'uko bigaragazwa mu bushakashatsi.

"Nta gusirimuka usenya Igihugu"

MINUBUMWE yashimangiye ko mu bikorwa bakora muri uku kwezi k'Ukwakira harimo kuganira hagati y'urubyiruko n'abantu bakuru bibukiranya amateka y'u Rwanda n'Abanyarwanda kugira ngo hato amasomo bakwiriye kuyigiraho atabacika.

Mu byo bibandaho cyane ni ugukangurira abakuze kwirinda guhererekanya umurage mubi uturuka ku mateka, urimo ingengabitekerezo ya Jenoside, gupfobya no guhakana Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994, n'ibindi.

Mahoro yavuze ko abateguye bakanashyira mu bikorwa Jenoside yakorewe Abatutsi, bafite inyungu mu gukwirakwiza ingengabitekerezo yayo ari na byo byaguka no mu Karere.

U Rwanda rukomeje gushyira imbaraga mu guhagarika urwo ruhererekane rufite ingaruka ziremereye kandi zimara igihe kirekire.

Yakomeje agira ati: "Nanagire inama urubyiruko yo kudakinisha iyo mitekerereze kuko irabanza igasenya uyirimo, kandi hari abasigaye babigira nk'ibintu bimeze nk'aho ari ibisirimu. Nta gusirimuka usenya Igihugu, ntibishoboka. Nibasigeho bacire birarura! Ariko n'abakuru bagifite iyo mitekerereze kuko tugenda tubabona, ugasanga barivanga mu mibanire y'urubyiruko bati hariya ntukajyeyo ni ku nzigo, ni ibintu biciriritse cyane."

Dr. Uwamariya Valentine, Umuyobozi wa Komisiyo y'Imibereho Myiza n'Imiyoborere mu Muryango Unity Cub, yavuze ko Abanyarwanda bahuriye ku isano y'Ubunyarwanda ari na yo mpamvu gahunda ya 'Ndi Umunyarwanda' ibonwa nk'ibuye ry'ifatizo.

Yagaragaje kandi ko kuba Umunyarwanda ugashyira amaboko mu mufuka bidahagije, ahubwo bijyana no gukora ukagira umusanzu utanga ku iterambere ry'umuryango n'Igihugu muri rusange.

Yaboneyeho kandi gushimangira ko bafatanya na MINUBUMWE kwimakaza ubunyarwanda, no gusiba ibizinga bikiri ku Bumwe n'Ubudaheranwa bw'Abanyarwanda.

# U Rwanda rugiye gutangira gupima DNA z'abana bataravuka




**Biteganyijwe ko umwaka utaha, hazatangira ibizamini byo kumenya uturemangingo ndangasano (DNA) tw'umwana ukiri mu nda**

IBIKURIKIRA URUP.1

Ibyo bizamini bizajya bikorwa kuva inda imaze kugira ibyumweru bitandatu kugeza ku byumweru umunani, kandi hatabayeho kubagwa cyangwa ibindi bikorwa byashyira ubuzima bw'umwana cyangwa ubw'umubyeyi mu kaga.

Ubuyobozi bw'Ikigo cy'u Rwanda cy'Ibimenyetso bishingiye ku Bumenyi n'Ubuhanga bikoreshwa mu Butabera (Rwanda Forensic Institute -RFI) buvuga ko bizakorwa hifashishijwe ikoranabuhanga rizwi nka Next Generation Sequencing (NGS) aho hazafatwa amaraso y'umubyeyi utwite n'amatembabuzi y'ukekwaho kuba se w'umwana.

Umuyobozi Mukuru wa RFI Dr Karangwa Charles, avuga ko nyuma hazajya hapimwa uduce ndangasano tw'umwana twasanzwe mu maraso y'umubyeyi tukagereranywa n'ibizamini by'umugabo byafashwe nyuma ibisubizo, bikagaragaza niba ari se cyangwa atari we.

Mu kiganiro na The New Times, Dr Karangwa yavuze ko ibyo bizafasha kumenya isano iri hagati y'ukekwaho gusambanya n'umwana n'uwo atwite hakiri kare bigafasha ubutabera gukora iperereza kare.

Yagaragaje ko nubwo uburyo bwo gusaranganya ikiguzi ku gupima izo DNA butaranozwa neza, Leta y'u Rwanda izajya yishyura ibizamini bikorerwa mu manza nshinjabyaha binyuze mu Rwego rw'Ubugenzacyaha (RIB), mu gihe ibizamini by'ababisabye ku bushake bazajya babyiyishyurira.

Nubwo itegeko rigenga ikoreshwa ry'ibizamini bya DNA ritaremezwa n'Inteko Ishinga Amategeko y'u Rwanda, hazakoreshwa amabwiriza agenga ubuziranenge mu by'ubuhanga, uburyo bwo kubika ibimenyetso, n'uko byemerwa n'inkiko.

Mu mwaka wa 2024, habaruwe abangavu 22 454 batewe inda bavuye kuri 22 055 mu mwaka wa 2023 kandi benshi muri bo bari batarageza ku myaka 17, nk'uko byatangajwe na Minisiteri y'Uburinganire n'Iterambere ry'Umuryango (MIGEPROF).

Mu 2023, abakobwa bari hagati y'imyaka 18-19 bagera ku 16 650 batewe inda, mu gihe abari hagati y'imyaka 14-17 bari 5 354 naho abari munsi y'imyaka 14 bari 51.

Mu mwaka w'ingengo y'imari wa 2023–2024, Ubushinjacyaha bwakiriye imanza 3 625 z'ihohoterwa rishingiye ku gitsina, 1 613 gusa ni zo zagejejwe mu rukiko, bituma habaho ibihano 1 711 mu gihe abaregwa 911 bagizwe abere.

Urugero nko mu Ntara y'Iburasirazuba, mu 2023 habaruwe inda zatewe abangavu 8 801 ariko kugeza hagati ya 2024, abakekwaho kubasambanya 70 gusa ni bo bari bagejejwe imbere y'ubutabera.

Nanone kandi ubushakashatsi bwa 2020 bw'Ikigo Legal Aid Forum na AJPRODHO–JIJUKIRWA bwagaragaje ko imanza 15% gusa z'ihohoterwa rishingiye ku gitsina mu Rwanda ari zo zigera mu nkiko.



IBIKURIKIRA URUP.1

# Perezida Kagame yatanze ipeti rya Sous-Lieutenant ku basirikare barenga 1 000



Perezida akaba n'Umugaba w'Ikirenga w'Ingabo z'u Rwanda, Paul Kagame yatanze ipeti rya Sous Lieutenant

KAYITARE Jean Paul

***Perezida Paul Kagame akaba n'Umugaba w'Ikirenga w'Ingabo z'u Rwanda yahaye ipeti rya Sous-Lieutenant ba ofisiye bato 1 029 barimo abakobwa 117 basoje amasomo ya gisirikare bahita baninjira mu ngabo z'u Rwanda.***

Perezida Kagame yatanze ibihembo ku bahize abandi mu byiciro bitandukanye, barimo uwahize abandi mu bize igihe kigufi ni Jean de Dieu Iyakaremye, abize imyaka ine ni Yves Ndamukunda, mu baturuka mu bihugu by'inshuti, ni Dan Bakangambira wo muri Uganda mu gihe uwahize abandi muri byose ari Emmanuel Kayitare.

Ni ibirori byabereye mu Ishuri Rikuru rya Gisirikare rya Gako rinamaze imyaka 25 ritanga amasomo yo ku rwego rw'abofisiye bato.



Ba Ofisiye b'igitsina gabo 912 basoje mu cyiciro cya 12 mu Ishuri Rikuru rya Gisirikare rya Gako

Yabashimiye umurava bagaragaje no kwemera guhitamo umwuga w'icyubahiro wo kurindira igihugu umutekano.

Ati "Ndagira ngo nshimire buri wese muri mwe ku bw'umurava n'ubushake mwagaragaje mu myitozo mwanyuzemo, kugera kuri uyu munsi. Ndashimira ababatoje kuba baragize uruhare rukomeye mu kubategura kugira ngo namwe muzitware neza mu nshingano mwahawe.

Ku babyeyi n'imiryango yanyu ndabashimira kuba barabashyigikiye, bagashyigikira icyemezo cyanyu cyo kwinjira muri uyu mwuga w'icyubahiro nubwo waba utoroshye. Kuba mwarawuhisemo turabishima cyane kandi bifitiye akamaro gakomeye igihugu cyacu."

Perezida Kagame yibukije abofisiye bashya ko bategerejwe n'inshingano zo kurinda igihugu kandi ko bakwiye kuzuzuza uko bikwiye.

Ati: "Kuri ba Ofisiye bashya, inshingano yo kurinda u Rwanda n'Abanyarwanda, mugomba kuyuzuza uko bikwiye. Iyo nshingano muyumva neza. Ndabashimira ubushake ndetse ubu mwagize n'ubushobozi buhamye bwo kuzuza, izo nshingano."



Abakobwa 117 ni bo basoje icyiciro cya 12 cy'Ishuri Rikuru rya Gisirikare rya Gako

Yakomeje agira ati "Turifuza ko mwarinda u Rwanda n'abarutuye. Abanyarwanda ni miliyoni zirenga 14 ubu ariko niyo zaba miliyoni imwe, ebyiri, cyangwa eshatu, inshingano mufite ni ukugira ngo igihugu kigire umutekano uhagije, kibe kitavogerwa n'abatagikunda n'abatagishaka. Turashaka amahoro. U Rwanda rukeneye amahoro."

Muri ba ofisiye bato 1 029 bahawe ipeti rya Sous-Lieutenant mu ngabo z'u Rwanda, 557 muri bo bize amasomo y'umwaka umwe, 248 bize amasomo y'igihe gito, abagera ku 182 bize amasomo y'igihe kirekire cy'imyaka ine na 42 bize mu mashuri ya gisirikare hanze y'u Rwanda.

Ni icyiciro cya 12 cy'Ishuri Rikuru rya Gisirikare rya Gako gisoje, aho kirangijemo abakobwa 117 na ho abahungu akaba ari 912.

Brian Kagame, bucura bw'umuryango wa Perezida Paul Kagame, ni umwe mu binjijwe mu ngabo z'u Rwanda kuri uyu wa Gatanu tariki 03 Ukwakira 2025.

Brig Gen Franco Rutagengwa, Umuyobozi Mukuru w'Ishuri Rikuru rya Gisirikare rya Gako, yavuze ko amasomo bakoze urugendo rutoroshye kuko hari abatarashoboye kurangiza urwo rugendo.

Ati: "Urugendo aba banyeshuri bagenze ntirwari rworoshye kuko 36 batangiranye ntibabashije kusa iki kivi kubera impamvu zitandukanye, zirimo iz'ubuzima, gutsindwa amasomo ndetse n'imyitwarire itajyanye n'indangagaciro zituranga nk'ingabo z'u Rwanda."

Ishuri Rikuru rya Gisirikare rya Gako ritanga amasomo y'icyiciro cya kabiri cya Kaminuza mu bijyanye n'ubuhanga mu bya gisirikare n'ubumenyamuntu, ubuvuzi, imibare, ubugenge, ibinyabuzima, ubutabire, amategeko, ubuforomo, ubuhanga mu bya mudasobwa n'ubuhanga mu by'ubwubatsi.

Ubuyobozi bw'ishuri bwashimye abahawe ipeti ku kuba barafashe icyemezo cyo kwinjira mu ngabo z'u Rwanda.

Yagize ati: "Turabashimira ku mahitamo meza bagize, bagakomeza kurangwa n'ubwitange ndetse n'imyitwarire iboneye ibagejeje kuri iyi ntsinzi twizihiza uyu munsi. Tubifurije kuzasohoza neza inshingano bazahabwa kandi tubafasha igihe cyose kuba indashyikirwa nk'uko babitojwe."

Ubuyobozi bw'Ishuri rikuru rya gisirikare rya Gako, bwavuze ko mu myaka 25 ishize batangiye ibikorwa byo kwigisha ba ofisiye bato bahawe inshingano zo kwigisha no kurera mu ndangagaciro za gisirikare za kinyamwuga no kuba igicumbi cy'indashyikirwa.





# Umwana ni uw'umurya ngo! Wite ku mwana wese nk'uwawe!



Madamu Jeannette Kagame yibukije ko umwana ari uw'umuryango, agomba kwitabwaho na buri wese

UBWANDITSI

***Mu minsi ishize twasangiye ubutumwa bwihariye ku bashakanye, none ndagarutse ngo tuganire no ku mugisha udasanzwe w'abashakanye, wo kwitwa 'Ababyeyi'.***

Umwana ni 'umugisha'! Nagira ngo munkundire tujyane mu rugendo rwe rwa mbere kugira ngo twumve ukuntu ntakiruta umwana! Uko agerageza gupfumbata urutoki rw'umubyeyi mu gapfunsi ke k'umwana ukivuka; wumva muri we umutekano.

N'umubyeyi kandi nawe ni uko, yifuza kumuhora hafi. Yemwe n'iyo amaze gukura, umwana akomeza kuba umwana imbere y'umubyeyi.

Umubyeyi akunda umwana we kurusha uko akunda ubuzima bwe bwite! Nta wakwemeza ko igihe cyose biba binoze. Akenshi umubyeyi ayoborwa n'igishyika cyo kumutegura no kumutegurira ejo hazaza, atinya ko hari icyagirira umwana we nabi. Ibi bikaba bishobora kugaragarira mu kugenzura abana cyane, kubacyaha no guhora abibutsa gukora neza kurushaho.

N'ubwo hari abashobora kubibona nabi batyo, nta na rimwe umubyeyi abigirira inyungu ze bwite, nta n'ubwo abigirana umutima mubi.

Hari ubwo umuntu yifuza ngo iyaba bishoboka, abana bakabasha kwiyumva nk'uko ababyeyi biyumva! Igishyika cy'ababyeyi, amajoro barara badasinziriye, amasengesho n'ineza babasabira ubutitsa, n'ibindi byose bagomba kwigomwa! Ahari wenda ntibabona igitutu cy'ababyeyi cyangwa amategeko gusa! Ahubwo, basobanukirwa urukundo n'ineza batakura ku wundi, bibiherekeza.

**Uruhare rw'ababyeyi**

Muzi ko kenshi mbandikira mbaganiriza ibijyanye n'umuryango. Impamvu nta yindi, ni uko nemera ko ubumwe bw'umuryango utekanye butanga umusaruro mu kugira igihugu gitekanye.

Iyo nandika rero, ntabwo ari uko mba mfite ibisubizo byose, ahubwo ni ukugira ngo tuganire kandi tujye inama.

Uyu munsi nifuje ko tuganira ku kurera, turerera mu muryango utekanye, turera abakotanira u Rwanda!

Kuba umubyeyi cyangwa kurera, ntabwo twahamya ko ari inshingano cyangwa umuhamagaro buri wese abamo bimworoheye! Nk'uko bikunze kuvugwa, "ntawe utagira inenge."

Nk'uko umwana adahitamo aho avuka, ni nako ababyeyi badahitamo abana babo, nta n'ubushobozi dufite bwo guhindura abana abo twifuza ko baba bo!

KOMEZA KU RUP.6

IBIKURIKIRA URUP.5

**Ese birashoboka kurera neza? Ese ubundi kurera neza ni ukuhe?**

Muri rusange umuntu agirwa no kwizera ndetse agahora ashakisha icyiza, ariko ntibinamubuza kugira impungenge.

Muri iyi si yabaye umudugudu, ugengwa n'ikoranabuhanga, murabizi ko hari ubwo umuntu ashobora kuba ahantu hatandukanye icyarimwe, akitwara nk'abaho, akagira imico y'abaho nyamara atahageze! Ibiteye impungenge ni byinshi cyane rero, ku burere bw'abana.

Izi mpungenge zituma umuntu yibaza ati ese twarera dute abanyarwanda buzuye; bazavamo abayobozi beza b'ejo, bazakunda igihugu bakakirutisha ibindi byose?

Ibibazo nk'ibi, ntabwo tukigira umwanya wo kubyibaza, ahubwo abenshi duhugijwe no kureba ibigenwa n'ikoranabuhanga bigaragaza abahanga kurusha abandi, twirengagije ko igihugu kizima cyubakira ku cyerekezo kizima, ariko ko kigomba kugira n'abaturage bazima bubakitse, bafite imitekerereze mizima, bazatwara cya cyerekezo, bagasohoza imihigo.

Dukunze gusubiramo kenshi ko umwana ari uw'umuryango. Ariko twongere dusubize amaso inyuma turebe uko umuryango wa none umeze. Ese umuryango uracyari wa wundi uhumuriza umwana cyangwa uramuhinda? Cyane cyane iyo atagera ku byo ategerejweho?

Nk'abanyarwanda twemera ko ishyaka no kwihesha agaciro binyuza imfura ahakomeye! Mu kubitoza abato ariko twibuke ko kubumva no kubakosoza ineza ari ingenzi!

Abana bakeneye ubumva, akababa hafi, bakagendana mu rugendo rwo gukura, gukora, gukosa no kwikosora!

Abana iyo bumva badafite ubumva, batitaweho, hari ubita amazina cyangwa abaseka kuko hari uko batandukanye n'abandi bari mu kigero kimwe, n'ibindi bishobora gukomeretsa amarangamutima yabo, hari ubwo bibatera guceceka.

Aka wa mugani uvuga ko ivu rihoze ari ryo ryotsa inzu, tuzirikane ko batazaceceka iteka ryose. Hari abazagaragariza uburakari bwabo, cyangwa se gucika intege, mu guceceka, hari n'abo bizaturikana mu buryo butagira gitangira.

Bikabaviramo kugira imyitwarire mibi yatuma bigirira nabi ubwabo cyangwa se n'umuryango muri rusange.

**Uburere budahutaza ni bwo bukwiriye n'igihe umwana afite imyitwarire itamenyerewe**

Ni koko buri mubyeyi akunda umwana we urukundo rusumba ibindi byose ndetse akumva ari igitangaza kuva akiri umwana muto, kandi ko azavamo umuntu udasanzwe. Iyo biramutse bitagenze uko umubyeyi abyifuza, hari ubwo ababyeyi n'abamurera bihutira kumwita utuzina dusobanura uko bamubona, ibyo bigatera umwana gukura yumva asa n'ubohewe aho hantu.

Umwana ucecetse. Umwana ugoye.

Umwana uri hagati na hagati. Umwana ukubagana… aya ni amwe mu mazina rimwe na rimwe akoreshwa mu kuvuga ku myitwarire y'abana kuva bakiri bato; ariko ibi tubivuga twirengagije ko umuntu ari mugari, atasobanurwa n'ijambo rimwe; ibi kandi nabyo biratandukana bitewe n'ubuzima n'imico abantu babamo.

Bitewe n'ikigero cy'imyaka agezemo, umwana ucecetse hari aho afatwa nk'ufite ubumuga, uri hagati na hagati akenshi ntabwo ahabwa agaciro, naho ukunda kugerageza ibintu bishya agafatwa nk'inkubaganyi itumvira, mu gihe urangwa no kutaguma hamwe afatwa nk'ushobora guhungabanya abandi.

Aya mazina yose n'ibyiciro dushyiramo abana hari uko afasha ababyeyi n'abarezi kumva batuje, ariko icyo twirengagiza ni uko akomeretsa amarangamutima y'abana, ndetse akabangamira n'ubwisanzure bufasha mu mikurire yabo.

Twibagirwa ko buri mwana afite imiterere ye bwite n'impano ze, kandi n'imyitwarire tubonana abana iba ifite aho Ihuriro n'imiryango bakomokamo.

Kurera ubwabyo ntabwo twavuga ko bifite ingingo ngenderwaho zidashobora guhinduka.

Umwana w'imfura avukira mu muryango w'ababyeyi bakitoza kurera.

Abamukurikiye bagahura n'ababyeyi batangiye kunanirwa, ariko bamaze kugira ubumenyi ku bijyanye no kurera.

Nk'ababyeyi akenshi dushaka ko abana bitwara uko twifuza, tukirengagiza ko n'abakuriye hamwe, mu gihe kimwe, mu buryo bumwe, baba batandukanye.

Ibi ni ukutibwiza ukuri ndetse rimwe na rimwe harimo no kudaha agaciro gakwiye uyu muhamagaro ukomeye wo kurera.

Kwibukiranya gukosoza ineza, kurera kudahutaza, guha umwanya abana tukabumva aho guhora tubibutsa ibitagenda neza ntabwo mbibibutsa kugira ngo mutangire kurera bajeyi, ahubwo ni ukugira ngo twibukiranye ko mu mikurire y'umwana anyura mu byiciro bitandukanye.

Umuhanga Jean Jacques Rousseau yabivuze neza ko abana babona isi mu buryo butandukanye n'abakuze, ko tudakwiye kubasaba kugira imitekerereze nk'iy'abantu bakuru, ko ndetse abana bafite uburyo bwabo bwo gutekereza no kumva ibyo bahura nabyo bijyanye n'imyaka bagezemo. Yongeraho ko turamutse duhaye agaciro ibi tutazongera kwitiranya imyitwarire tubona ku bana ngo tuyisanishe no kuba bafite uburwayi runaka cyangwa ngo tubite abana babi batumvira.

Ibyo twita ubwenge ntabwo biza mu ishusho imwe kuri bose. Wa mwana utarashoboraga kwicara hamwe, uzasanga ari we ushobora kuvamo rwiyemezamirimo udasanzwe. Uwo babonaga nk'umwana ufite ibibazo, ashobora kuvamo umuhanzi w'igitangaza.

Mu miryango no mu mashuri bihutira gushyira abana bose mu byiciro batekereza ko ari byo bizafasha mu kubaherekeza mu mikurire yabo, nyamara ahubwo birema ubwigunge mu bana, bakumva bahejwe.

Ibi bishobora kubatera kugira imyitwarire mibi, nyamara atari uko baremye koko, ahubwo ari uko nk'umuryango twananiwe kubitaho no kubaha umwanya wo kuba abo ari bo.

**Twakora iki? Tubigenze dute?**

Ababyeyi bakwiye kwiga gukosoza ineza, bagahana batagamije gukoza isoni abana, bakabayobora baha agaciro n'umwanya ibyo abana bifuza n'uko biyumva. Dukeneye kubaka umuryango udaheza, wumva abawo, ukabaha umwanya wo kubaho batekanye.

Abana bakwiye kwemererwa umwanya wo kwishakisha no kwimenya, bakagira umwanya wo gukosa no gukosorwa.

Umwana ntakwiye na rimwe kugira undi agereranywa nawe cyangwa ngo ahore yumva gusa amagambo amutera kwishidikanyaho, ahubwo akeneye amagambo meza amwubakamo icyizere cyo kuzaba umuntu ushoboye.

Nk'ababyeyi urukundo dukunda abana ntirukwiye kuduhuma amaso ngo dukomeze kubabundikira. Ni ngombwa gutekereza uko tubafasha guhangana cyangwa kwirinda ibyabagora mu buzima.

**Ku bw'urukundo nkunda umuryango munyemerere mbasigire ubu butumwa**

Umwana ufite uburere bwiza ntabwo ari umwana warinzwe ibibi cyangwa utarahuye n'ubuzima bugoye, ahubwo ni umwana weretswe urukundo, agatozwa kugira impuhwe, kwigirira icyizere, kugira inzozi zagutse n'ishyaka. Byongeye kandi akigishwa ko gukosa atari iherezo ry'ubuzima, ko ahubwo akwiye kubikuramo isomo rimwubaka, rikamufasha guhindura imyitwarire.

Kuri mwebwe abato bacu, hari igihe mwumva ababyeyi babahoza ku nkeke, babagenzura n'ibindi mushobora kumva bibangamye, ariko ntabwo ariko biri.

Byose mujye mubibonamo urukundo n'inararibonye ababyeyi bashobora kuba babarusha.

Bibaye ari ibishoboka ntacyo ababyeyi batakora kibizeza ko muzagira ubuzima bwiza butagira ingorane, ariko ntabwo ari uko ubuzima buteye. Uruhare rwanyu ni ngombwa mu kubaka ubuzima bwanyu.

Ibi mushobora guhitamo kubifata nk'umutwaro uremereye mudashoboye gutwara cyangwa nk'impano y'ijuru n'amahirwe yo kubasha kwiyoborera ubuzima bufite intego, mufite n'ababibafashamo babakunda.

Namwe ababyeyi, nifuje kongera kubibutsa ko iyo "Akabuto gatewe mu gitaka cyiza giteguwe neza, kagahabwa iby'ingenzi byose, karakura kakavamo igiti cy'inganzamarumbo kitanyeganyezwa n'ikibonetse cyose."

Niba koko twifuza kurera abana bazavamo abanyarwanda bashoboye, badaterwa ubwoba n'ingorane z'ubuzima, ahubwo bahora bashakisha, batekereza icyazana impinduka nziza, dukwiye kububakamo ubudaheranwa; ibyo bakora ntibakabikoreshwe n'ubwoba, ahubwo bayoborwe n' amatsiko aho gushaka kwisanisha n'abandi cyangwa kwiyerekana.

Nsoza ubu butumwa nagira ngo nongere nibutse ko umuryango ari ishingiro ry'igihugu. Ubudasa bw'igihugu buhera mu muryango! Nk'uko natangiye mbivuga, ubumwe bw'umuryango n'ubw'igihugu, bwatweretse ko dushyize hamwe dukora ibirenze ibyo twifuza kugeraho. Buri wese yite ku mwana wese nk'uwe, tubyare kandi turerere u Rwanda abato bazakurana ishyaka ryo kurukotanira.

Ndabashimiye byimazeyo uko mwakiriye ubu butumwa.

Mbifurije umunsi mwiza wo gukunda igihugu.

**Ubutumwa bwa Nyakubahwa Madamu Jeannette Kagame**





Imvaho Nshya
Soma Usobanukirwe Buri Munsi

# Ijambo ry'Ibanze

## *Urubyiruko rukeneye kubaha no kumenya amateka*

*Mu buzima bigenda bigaragara ko iyo umuntu atari we wanyuze mu bimugoye na we bimugora kubiha agaciro kabyo nk'uko uwariraye aribara, kuko burya Abanyarwanda baciye umugani ngo "Agahwa kari ku wundi karahandurika."*

*Ese amateka y'u Rwanda ni agahwa kari ku babyeyi n'abakurambere, cyangwa ni umurage ukubiyemo amateka yijimye n'amasomo yafasha abavuka uyu munsi kwirinda gusubira mu makosa nk'ayaranze abo bakomotseho?*

*Umwe mu banyepolitiki bakomeye babayeho mu myaka ya 1790 witwa Edmund Burke wo muri Ireland, yagize ati: Abantu badasubiza amaso inyuma ngo bigire ku bakurambere babo ntibakitege kubona ababakomokaho.*

*Ayo magambo yanashimangiwe Winston Churchill aho yagize ati: "Abananirwa kwigira ku mateka bagira umwaku wo kuyasubiramo."*

*Kuba amateka mabi yaranze u Rwanda ashobora kwisubiramo igihe icyo ari cyo cyose ntibikiri ibitekerezo kuko ababuze uko bayasohoza bahungiye mu baturanyi bakomeje umugambi wabo.*

*Bishingiye ku kuba hari aho mu bihugu by'abaturanyi haboneka imvugo z'urwango, gutotezwa, ubwicanyi bikorwa ku manywa y'ihangu, atari uko ubuyobozi butabibona ahubwo bitewe n'uko abari inyuma y'ibyabaye mu Rwanda ari na bo bakwirakwije urwango rw'Abatutsi mu Karere.*

*Mu gihe u Rwanda rushyira imbaraga mu gusigasira amateka no kuyageza ku rubyiruko ruri mu Rwanda no mu mahanga, ni uruhare rwa buri wese mu bato kumva ko ari bo bafite imbaraga zo kuganisha Igihugu aho kidashobora gusenywa n'iyo myumvire icirirtse igamije gutonesha bamwe abandi ibambura uburenganzira bwabo.*

*Urubyiruko rubaye ba ntibindeba ruhinduka abagabo n'abagore batazi iyo bava n'iyo bajya, bityo gukoreshwa n'abatabashakira ineza bikarushaho koroha.*

*Kuri ubu ntibikiri ingorane kwigarurira imitima y'abantu bikozwe n'abiyambika uruhu rw'intama bihisha inyuma y'ikoranabuhanga bagahimba inkuru n'ibikorwa byigarurira abatagira amakenga.*

*Urubyiruko rukwiye kuba maso rukamenya ko ruri ku rugamba ruhuza ahazaza harwo n'amateka y'inkomoko, kandi kurutsinda bisaba kuyaha agaciro no kuyamenya.*

# Gukunda Igihugu si ukugipfira gusa

ZIGAMA Theoneste

***"Iyo ukunda igihugu cyawe, uhora witeguye kucyitangira ndetse ukagumya gushyigikira abayobozi bacyo, kandi ukitanga mu murimo utizigama".***



Umuvugizi w'Ingabo z'u Rwanda, Brig. Gen. Rwivanga Ronald yasobanuye ko gukunda igihugu atari ukugipfira gusa

Ubwo ni ubutumwa bwatanzwe na Brig. Gen. Rwivanga Ronald, Umuvugizi w'Ingabo z'u Rwanda (RDF), mu kiganiro yahaye itangazamakuru bujyanye n'Umunsi wo Gukunda Igihugu wizihizwa ku wa 1 Ukwakira buri mwaka.

Yabishimangiye agira ati: "Tariki ya 1 Ukwakira 1990, ni umunsi wo gutangiza urugamba rwo kubohora Igihugu cyari kimaze imyaka 30 kiyoborwa nabi."

Brig. Gen Rwivanga yabisobanuye ashingiye ku cyo gukunda igihugu bivuze mu buryo RDF ibibona, hashingiwe ku ndangagaciro zayo, ibyo yitangiye, ndetse n'inshingano ikomeje kugira mu gihugu no hanze yacyo mu bihugu birimo Mozambique na Repubulika ya Santarafurika.

Brig. Gen. Rwivanga yagize ati: "Ingabo z'u Rwanda (RDF) zisobanura ubumwe n'ubutwari byo gukunda Igihugu no kucyiyegurira. Ni ukwiyemeza kubahiriza indangagaciro zo kurengera inyungu z'igihugu cyacu no kurinda ubutaka bwacyo, ndetse no gukomeza intego z'ubumwe n'iterambere.

Hari ingingo shingiro zihariye zifatanye n'indangagaciro zacu. Iyo tuvuga ku gukunda igihugu, tuba tunavuga ku ndangagaciro zo kwiyemeza umurimo, kubaha abandi, kugira ubutwari mu bihe bikomeye birimo intambara, kugira imyitwarire myiza n'ubumwe. Ubumwe n'ubusabane. Ibyo byose bihurira hamwe bikubaka ijambo rikomeye; gukunda igihugu."

Yakomeje avuga ko uko ari ko hubahiriza indangagaciro shingiro zishushanya ubumwe bwo gukunda igihugu.

Yunzemo ati: "Muri make, gukunda igihugu ni indangagaciro ya mbere RDF ishyira imbere, ariko dufite n'izindi zirimo ubudahemuka, kwitangira abandi nta nyungu, gukorera mu mucyo, no kuba igitambo. Zose muri urwo rwego, zifatanye no gukunda igihugu, kuko iyo ukunda igihugu cyawe, uhora witeguye kucyitangiraho igitambo. Iyo ukunda igihugu cyawe, uba indahemuka ku bayobozi bacyo. Iyo ukunda igihugu cyawe, uharanira gutanga serivisi mu bwitange."

'Intego yacu si ugupfa'

Abajijwe uburyo ubumwe bwo gukunda igihugu bupimwa cyangwa busuzumwa mu ngabo za RDF, Brig. Gen. Rwivanga yasobanuye ko hari ibikorwa bifatika bigaragazwa n'umusirikare cyangwa n'umuturage usanzwe mu rwego rwo kugaragaza iyo ndangagaciro yo gukunda igihugu.

Yagize ati: "Ni ugukorera igihugu cyawe mu buryo butandukanye, kuko gukorera igihugu bitavuze gusa kuba mu ngabo z'igihugu.

Icya kabiri ni ubushobozi bwo kurinda igihugu cyawe, ndetse rimwe na rimwe no gutanga amaraso yawe cyangwa ibikorwa byawe ku giti cyawe. Ni ukwitegura no kwitanga kugira ngo upfe ku bw'igihugu, icyo ni cyo gikorwa nyacyo kigaragaza ko ukunda igihugu cyawe."

Ashingiye ku magambo ya George S. Patton Jr., Umuyobozi w'ingabo mu gisirikare cya Leta Zunze Ubumwe za Amerika mu Ntambara ya kabiri y'Isi, cyane cyane mu Bufaransa no mu Budage nyuma yo kwinjira mu bufatanye i Normandiya muri Kamena 1944, Brig Gen. Rwivanga yagize ati "intego yacu si ugupfa."

Brig Gen. Rwivanga yakomeje agira ati: "George Patton ni jenerali uzwi, Jenerali w'Abanyamerika mu Ntambara ya kabiri y'Isi, wavuze ko inshingano yawe atari ugupfa ku bw'igihugu cyawe. Bivuze ko inshingano yawe atari ugupfa. Ugomba kurinda igihugu cyawe no kurinda abaturage bacyo."

Yakomeje agira ati: "Ariko niba muri uwo murimo uba witeguye kwishyura igiciro cya nyuma, hari ibikorwa byinshi by'ubutwari byagaragajwe aho umuntu nka we, nk'umuyobozi, ahitamo gushyira ubuzima bwe mu kaga kugira ngo arinde igice cyose cy'abamukurikira. Urugero, igihe habayeho gutera grenade ukaba wahitamo kuyishoramo nawe aho kuyireka igahitana abantu benshi, icyo ni cyo gitambo cy'ikirenga umuntu yakwitura."



Umuvugizi wa Guverinoma y'u Rwanda, Yolande Makolo yavuze ko bitatunguranye kuba RDC yaranze gusinya amasezerano

# U Rwanda rwatangaye ariko ntirwatu nguwe na Perezida Tshisekedi

NTAWITONDA Jean Claude

*"Twatangajwe n'icyemezo cyo ku munota wa nyuma cya Guverinoma ya Repubulika Iharanira Demokarasi ya Congo (RDC) cyo kwanga gusinya ku masezerano yo Kwihuza kw'Akarere mu by'Ubukungu (REIF) nubwo hagaragaraga ikirere cyiza mu biganiro byatumye ayo masezerano agerwaho, ndetse n'umurimo ukomeye w'ubuhuza wakozwe n'Umujyanama Mukuru wa Trump Massad Boulos na Guverinoma y'Amerika."*

Ubwo butumwa bwatanzwe n'Umuvugizi wa Guverinoma y'u Rwanda Yolande Makolo, ashimangira uburyo icyemezo cy'ikubagahu cyaturutse ku mambwiriza ya Perezida wa Repubulika Iharanira Demokarasi ya Congo (RDC) Felix Antoine Tshisekedi Tshilombo, cyasize u Rwanda mu mayirabiri.

Gusezerana na Perezida Tshisekedi Tshilombo bikomeje kuba ingorabahizi kubera uburyo ahinduka nk'ikirere nk'uko byigeze gukomozwaho na Perezida wa Repubulika Paul Kagame mu kiganiro yagiranye n'itangazamakuru.

Guverinoma y'u Rwanda yatangaje ko itatunguwe n'uko isinywa ry'amasezerano y'ubukungu ryahagaritswe ku munota wa nyuma bitegetswe na Perezida Tshisekedi wahaye amabwiriza itsinda yohereje ngo ritegurane n'iry'u Rwanda ibikubiye mu bufatanye bw'ibihugu byombi mu by'ubukungu.

Minisitiri w'Ububanyi n'Amahanga n'Ubutwererane, Amb. Olivier Jean Patrick Nduhungirehe, yavuze ko ari imyitwarire bahuye na yo mu gihe cy'imyaka itatu ishize by'umwihariko mu birebana n'ibiganiro ku mahoro n'umutekano.

Ubwo yasobanuraga ibjyanye no kuba u Rwanda na RDC bitasinyanye amaseserano y'ubukungu yari amaze igihe ategurwa n'intumwa z'ibihugu byombi, Minisitiri Nduhungirehe yagize ati: "Navuga ko guhera mu myaka itatu ishize ibiganiro by'amahoro bitangiye, tumenyereye ukwivumbura kwa Perezida Tshisekedi ku ngingo z'ingenzi zirebana n'amahoro n'umutekano mu Karere kacu."

Yasobanuye ko ukuri guhari ari uko amatsinda y'u Rwanda na RDC yakoze akazi keza ategura amasezerano yo Kwihuza kw'Akarere mu by'Ubukungu (REIF) abifashijwemo na Leta Zunze Ubumwe za Amerika (USA).

Mu gihe bari biteguye kwemeza inyandiko bari bamaze icyumweru bategura, mu gitondo cyo ku wa Gatanu Perezida Tshisekedi yahaye itsinda rya RDC amabwiriza ku munota wa nyuma yo kutayishyiraho umukono, atinya ibyaza kuvugwa na rubanda imbere mu gihugu ayoboye.

Ibitangazamakuru mpuzamahanga byatangaje ko impamvu Tshisekedi yaba yarahagaritse isinywa ry'ayo masezerano yamaze gutegurwa no kumvikanwaho, ari uko yifuza ko "90% by'Ingabo z'u Rwanda byabanza kuva ku butaka bwa Congo."

Minisitiri Nduhungirehe yavuze ko urwo rwitwazo nta na hamwe rwigeze rutangwa mu gihe cy'ibiganiro nk'impamvu yatuma RDC idasinya amasezerano.

Ati: "Urwo rwitwazo rwo 'kugabanya 90% by'Ingabo z'u Rwanda' nsomye hano, kandi ni inkuru y'amafuti isunikwa ngo abantu bayimire mu itangazamakuru, ntabwo rwigeze rugaragazwa n'intumwa za RDC mu gihe cy'ibiganiro.... Ni ibinyoma byatunguye n'intumwa za RDC ziri i Washington."

Yakomeje agira ati: "Mu by'ukuri, ibiganiro ku Masezerano yo Kwihuza kw'Akarere mu Bukungu (REIF) birebana gusa n'ubukungu ndetse ntabwo bigaruka ku bibazo by'umutekano birimo gukurikiranwa n'Itsinda Rihuriweho n'ibihugu byombi Rihuza Ibikorwa by'Umutekano (JSCM)."

Minisitiri Nduhungirehe yavuze ko iryo tsinda rya JSCM riheruka guhurira i Washington ku wa 17-18 Nzeri 2025, impande zombi zikaganira ku ishyirwa mu bikorwa by'Inyandiko y'ibikorwa mu bya gisirikare bita "Concept of Operations (CONOPS)."

Ati: "N'itangazo ryashyizwe hanze na Guverinoma ya USA nyuma y'iyo nama ntiryigeze rigaruka kuri ubwo busabe [bwo gukura 90% by'Ingabo z'u Rwanda ku butaka bwa Congo]."

Minisitiri Nduhungirehe yibukije ko ku wa 14 Nzeri 2024, itsinda ry'ingabo za RDC ryemeje umushinga uhuriweho n'u Rwanda wo kurandura umutwe w'iterabwoba wa FDLR, mu gikorwa cyabereye i Luanda muri Angola.

Uwo mushinga wagombaga kujyana no gukuraho ingamba z'ubwirinzi z'u Rwanda, igihe umutwe wa FDLR waba utagiteje impungege z'umutekano mu Karere.

Icyo gihe na bwo Perezida Tshisekedi yahise yisubira, ahamagara kuri telefoni Minisitiri w'Ububanyi n'Amahanga wa RDC Thérèse Kayikwamba Wagner, amubuza gusinya kuri uwo mushinga mu gihe ba Minisitiri bombi bari biteguye kubikora.

Ati: "Yamuhamagaye kuri telefoni- inama igeze hagati, amuha amabwiriza yo kudasinya. Ngayo Nguko!"

Impuguke mu bya Politiki y'Akarere zivuga ko ukwisubira kwa Perezida Tshisekedi gushimangira ko ururimi yumva gusa ari urw'intambara, bitazamworohera kwemera inzira y'amahoro ibangamira inyungu ze n'imikoranire y'igihe kirekire RDC ifitanye n'umutwe wa FDLR.

Hagiye gushira umwaka Guverinoma y'u Rwanda ihishuye ko ikomeje kugaragarizwa ibimenyetso bishimangira ubushake buke bwa RDC bwo guhashya umutwe w'iterabwoba wa FDLR, ari na ryo pfundo ry'ibibazo by'umutekano muke wugarije Akarere.

Nyuma y'imyaka 30 ishize Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994 yahitanye abasaga miliyoni imwe ihagaritswe, FDLR iracyagerageza guhungabanya umutekano w'u Rwanda, ari na yo mpamvu rwashyizeho ingamba z'ubwirinzi mu gukumira ingaruka ziremereye z'uwo mutwe wongerewe imbaraga na RDC.

Gusa u Rwanda rwongeye gushimangira ko rufitiye icyizere amasezerano y'amahoro n'ubuhuza bukomeje bwa Amerika, ku buryo ariya masezerano y'ubukungu na yo ashobora kuzasinywa, kuko ari yo mahirwe ahebuje asigaye yo kwimakaza umutekano n'iterambere birambye mu Karere k'Ibiyaga Bigari.





# Perezida wa Sena y'u Rwanda n'Ambasaderi w'u Bushinwa baganiriye ku bufatanye



Perezida wa Sena y'u Rwanda, Dr Fransois Kalinda yakiriye Ambasaderi w'u Bushinwa mu Rwanda, Gao Wenqi

ZIGAMA Theoneste

***Ku wa Kabiri tariki ya 30 Nzeri 2025, Perezida wa Sena y'u Rwanda, Dr François Kalinda, ari kumwe na Visi Perezida ushinzwe amategeko n'ubutabera Nyirahabimana Soline, ndetse na Visi Perezida ushinzwe ubukungu n'imibereho myiza, Mukabaramba Alvera, bakiriye Ambasaderi w'u Bushinwa mu Rwanda, Gao Wenqi.***

Mu biganiro byabaye hagati y'impande zombi, barebeye hamwe uburyo bwo gukomeza gushimangira ubufatanye hagati y'u Rwanda n'u Bushinwa, cyane cyane mu rwego rw'Inteko Zishinga Amategeko.

Hanaganiriwe ku mahirwe yo gutangiza imikoranire mishya izafasha guteza imbere imibanire myiza y'ibihugu byombi.

Ibi biganiro byashimangiye ubushake bwo gukomeza kwimakaza ubufatanye bwubakiye ku nyungu rusange, hagati y'u Rwanda n'u Bushinwa.

Ibyo biganiro bibaye hashize iminsi mike bisinyanye amasezerano y'ubufatanye mu bya gisirikare, mu rwego rwo kurushaho gushimangira umubano w'ubufatanye umaze imyaka myinshi hagati y'ibihugu byombi.

Aya masezerano yiswe "Agreement on Defence Cooperation" yashyizweho umukono, tariki ya 17 Nzeri 2025 i Beijing, mu nama yahuje Minisitiri w'Ingabo w'u Rwanda Juvenal Marizamunda, n'Umuyobozi Mukuru w'Ingabo z'u Bushinwa akaba na Minisitiri w'Ingabo, Admiral Dong Jun.

Aboyobozi bombi bahuriye mu Nama Mpuzamahanga ya 12 yiga ku mutekano n'ubufatanye mu bya gisirikare, izwi nka Beijing Xiangshan Forum, ihuza ibihugu byo hirya no hino ku Isi bigamije kunguarana ibitekerezo ku mahoro n'umutekano.

U Rwanda n'u Bushinwa bisanganywe umubano w'igihe kirekire watangijwe bwa mbere mu 1971. Muri iyi myaka ishize, ibihugu byombi byakoranye mu nzego zitandukanye zirimo uburezi, ubuhinzi, ubucuruzi, ikoranabuhanga, n'ibikorwa remezo.

Mu rwego rwa gisirikare, u Rwanda n'u Bushinwa bimaze igihe bikorana mu guhugura ingabo, gusangira ubumenyi mu micungire y'umutekano, no gutera inkunga ibikorwa byo kubungabunga amahoro ku rwego mpuzamahanga.

# U Rwanda na Armenia mu bufatanye mu ikoranabuhanga rigezweho

NTAWITONDA Jean Claude

***Guverinoma y'u Rwanda n'iya Armenia bakomeje ibiganiro bigamije kurushaho kwimakaza ubutwererane mu guteza imbere ikoranabuhanga rigezweho no guhanga udushya.***

Ibyo byatangajwe na Minisitiri w'Ikoranabuhanga Rigezweho muri Armenia, Mkhitar Hayrapetyan, nyuma yo kwakira itsinda ry'u Rwanda riyobowe n'Umunyamabanga wa Leta muri Minisiteri y'Ikoranabuhanga na Inovasiyo, Yves Iradukunda.

Ku wa 30 Nzeri ni bwo iryo tsinda ryahuye na Minisitiri Mkhitar Hayrapetyan, baganira ku butwererane mu guhanga ibishya no kwimakaza ikoranabuhanga rigezweho.

Impande zombi zibanze ku ngingo z'inyungu z'ibihugu byombi zirimo kwagura ubutwererane mu kwimakaza umutekano w'ikoranabuhanga no guteza imbere ubumenyi mu by'ikoranabuhanga.

Banashimangiye ukwiyemeza gukomeza ibiganiro no kurushaho kugenzura uburyo bufatika bwo kurushaho kwimakaza iterambere ry'ikoranabuhanga no kongerera imbaraga ibikorwa remezo by'ikoranabuhanga mu bihugu byombi.

Inama yashimangiye akamaro ko gusangira ubunararibonye, kwimakaza imishinga ihuriweho no kubaka inzego zikomeye mu guhanga udushya.


Umubano w'u Rwanda na Armenia mu bya dipolomasi watangiye ku wa 29 Werurwe 2024, ukaba waratanze amahirwe yo kurushaho kwagura ubutwererane mu nzego zinyuranye kugeza uyu munsi.

Abayobozi b'ibihugu byombi bakomeje kugenderanira mu rwego rwo kwimakaza ibiganiro bitanga umusaruro ndetse bikanaharura amayira yo gukorana mu nzego zirimo guteza imbere ubukungu bushingiye ku ikoranabuhanga, ikoranabuhanga mu isakazamakuru, uburezi buhanga udushya no guhanga udushya muri rusange.

Ibihugu byombi kandi byaniyemeje gufatanya mu rugendo rwo gukumira no kurwanya Jenoside binyuze mu butwererane bw'Inzibutso n'Ingoro Ndangamateka ya Jenoside.

Armenia ishima intambwe u Rwanda rukomeje gutera mu miyoborere yimakaza ikoranabuhanga ndetse no kwimakaza ikoranabuhanga rigezweho, bityo ikaba ibona icyizere mu gufatanya muri izo nzego.

U Rwanda na rwo rwiteze kungukira byinshi ku iterambere ry'ikoranabuhanga



Guverinoma y'u Rwanda n'iya Armenia biyemeje kurushaho kwimakaza ubutwererane mu guteza imbere ikoranabuhanga

rigezweho rikomeje kwiyongera muri Armenia, kimwe n'ubumenyi n'urwego rw'ubureri bigaragaza impinduka zidasubirwaho.

Ibihugu byombi nanone byiyemeje kugira no gushyira mu bikorwa imishinga bihuriyeho mu guhanga udushya n'ubushakashatsi, byiyongera ku butwererane mu ikoranabuhanga rigezweho no guhanga ibishya.

Ibihugu byombi kandi byaniyemeje kwimakaza ubutwererane bushingiye ku Muryango w'Ibihugu Bikoresha Igifaransa (OIF), kwimakaza umubano mu bucuruzi ndetse n'ubukerarugendo.

# Ubuhinzi n'ubworozi ni inkingi ya mwamba mu kuzamura ubukungu

NYIRANEZA Judith

***Minisitiri w'Intebe Dr. Nsengiyumva Justin, yagaragaje ko ubuhinzi n'ubworozi ari inkingi ya mwamba mu kuzamura ubukungu bw'Igihugu ari nako Abanyarwanda bihaza mu biribwa, avuga ko Guverinoma itazahwema gukomeza guteza imbere urwo rwego.***

Yabigarutseho ku wa Kane tariki ya 2 Ukwakira 2025, ubwo yagezaga ku Nteko Ishinga Amategeko, Imitwe yombi, ibikorwa bya Guverinoma bigamije guteza imbere imibereho myiza y'abaturage binyuze mu kongera umusaruro ukomoka ku buhinzi n'ubworozi.

Minisitiri w'Intebe Dr. Nsengiyumva, yavuze ko Guverinoma izakomeza kuzamura urwego rw'ubuhinzi n'ubworozi, hagamijwe kuzamura ubukungu no guharanira imibereho myiza y'abaturage.

Yagize ati: "Guverinoma yiyemeje gukomeza guteza imbere ubuhinzi n'ubworozi, nk'inzira y'ingenzi yo kugera ku kwihaza ku biribwa no guteza imbere ubukungu muri rusange. Guteza imbere uru rwego ni inkingi ya mwamba mu kugera ku iterambere ry'ubukungu burambye."

Yongeyeho ati: "Ubuhinzi bugira uruhare rwihariye mu izamuka ry'imibereho myiza y'abaturage kandi imibereho myiza ni iterambere ry'uburyo abantu babayeho, bishingiye ku by'ibanze bakeneye mu buzima bwa buri munsi, bikagaragarira mu nzego zitandukanye ariko zose ziruzuzanya."

Amadovize yakomeje kwiyongera, kandi biturutse ku bikomoka ku buhinzi n'ubworozi

Dr Nsengiyumva yagize ati: "Amadovize yavuye ku madolari ya Amerika miliyoni zisaga 287 mu 2017 agera kuri miliyoni 544 z'amadolari ya Amerika mu 2024. Biteganyijwe ko ako gaciro kaziyongera kakagera kuri miliyari zirenga 1,5 z'amadolari ya Amerika mu 2029.

Intego kandi ni ukuzamura ibyoherezwa mu mahanga ku mpuzandengo ya 13 buri mwaka naho umusaruro ubikomokaho ukikuba 2 ukagera kuri miliyari 7,3 z'amadolari ya Amerika mu 2029."

Minisitiri w'Intebe yasobanuye intambwe imaze guterwa mu kuvugurura ubuhinzi, anagaragaza gahunda y'igihe kiri imbere yo kongera umusaruro w'ubuhinzi ku kigero cya 50%. Iryo vugurura riganisha ku kuba mu 2029, Abanyarwanda bazaba bihagije mu biribwa ku gipimo cya 100%.

Yagize ati: "Mu rwego rw'ubuhinzi, ikigamijwe ni ugukomeza kuzamura ikigero cyo kwihaza mu biribwa mu buryo burambye, bikazava kuri 79,6% byariho mu 2024 bikagera ku 100% mu 2029."

Iyo gahunda irimo kunoza ikoreshwa ry'ubutaka, kurwanya ingaruka z'imihindagurikire y'ibihe, korohereza abahinzi kubona inyongeramusaruro, no gukoresha ikoranabuhanga rigezweho mu buhinzi.

Mu bijyanye n'ubukungu, yagaragaje akamaro gakomeye k'ubuhinzi n'ubworozi n'impamvu Guverinoma ikomeza gushyira imbaraga mu kuzamura umusaruro w'urwo rwego.

Ati: "Imibare iherutse gutangazwa n'Ikigo cy'Igihugu cy'Ibarurishamibare, yerekana ko uruhare rw'ubuhinzi n'ubworozi mu musaruro mbumbe w'Igihugu, ruri ku mpuzandengo ya 25%."



Minisitiri w'Intebe, Dr Nsengiyumva Justin yagaragaje uburyo ubuhinzi n'ubworozi bizamura ubukungu

Minisitiri w'Intebe Dr Nsengiyumva yakomeje kugaragaza ko biteganyijwe ko uru ruhare rw'ubuhinzi ruzagenda rugabanyuka bikazajyana no kwiyongera k'uruhare rw'inzego z'inganda na serivisi nkuko biri mu cyerekezo cyo kubaka ubukungu burambye bushingiye ku bumenyi.

Yashimangiye ko kuvugurura ubuhinzi ari ingenzi mu guteza imbere imibereho y'abaturage binyuze mu kongera umusaruro no gukoresha neza umutungo w'Igihugu.

# U Rwanda rugiye kunguka ikoranabuhanga riyunguruza amazi imirasire y'izuba

UBWANDITSI

***Mu bihe biri imbere mu Rwanda hazaba haboneka amazi meza yayunguruwe hifashishijwe ikoranabuhanga rikoresha ingufu z'imirasire y'izuba n'amavomo akoresha sisitemu itanga amazi ari uko umuntu yishyuye na yo ikoresha ingugu z'imirasire y'izuba.***

Uwo mushinga ni ikoranabuhanga ryakozwe n'Ikigo INNOCEP Inc. cyo muri Koreya y'Epfo, rikazaba rizazanwa mu Rwanda na rwiyemezamirimo Johnson Penn ukomoka muri Cameroon.

Mu cyiciro cya mbere, biteganywa ko hazubakwa ikoranabuhanga riyungurura amazi n'asaga 150 mu turere turindwi, bikazafasha abaturage basaga 210.000 kwegerezwa amazi meza yo kunywa.



Ikoranabuhanga rigiye kuzifashishwa mu kuyungurura amazi

Johnson Penn ni umwe mu banyeshuri bize ikoranabuhanga rigezweho muri Kaminuza y'Ikoranabuhanga ya Nanyang muri Korea y'Epfo, akaba yarashinze ikigo EcoLinks.

Kuri ubu Ikigo EcoLinks gishyigikiwe na Guverinoma ya Koreya y'Epfo muri uwo mushinga wo kuyungurura no gukwiza amazi meza kandi atekanye kuyanywa hifashishijwe ikoranabuhanga rigezweho.

Ku baturage bo mu Rwanda, biteganywa ko uwo mushinga uzahera ku kugeza abaturage ho aamzi meza hazakurikireho ikoranabuhanga rishyirwa mu ngo rigashyushya amazi hifashishijwe ingufu z'imirasire y'izuba.

EcoLinks irateganya gukorana n'abafatanyabikorwa banyuranye mu gufasha abaturage bo mu mijyi no mu byaro kugera ku mazi meza, akaba ari umushinga uzagezwa no mu bindi bihugu by'Afurika.

Penn ati: "Mu bice bimwe na bimwe abantu baracyasabwa kujya gushaka amazi hanze y'ingo zabo. No mu mijyi yo muri Afurika usanga bafite ikibazo cy'amazi aho imiryango imwe n'imwe iba igomba kujya kuvoma amazi bya gakondo."

Biteganyijwe ko mbere y'uko imirimo yo gutangira kubaka iryo koranabuhanga mu Rwanda, izajyana no gufasha abaturage kugira iryo koranabuhanga iryabo ku buryo rizabafasha mu gihe kirambye.

Uretse umushinga w'amazi, EcoLinks kuri ubu inafasha abaturage kubona amashyiga atangiza ibidukikije afasha mu kugabanya ibyuka bihumanya ikirere.

Ni umushinga uzafasha u Rwanda kurushaho kwimakaza ubufatanye na Korea y'Epfo mu isoko rya karubone aho ibihugu byombi byemeranyije gufatanya kubyasa umusaruro urugamba rwo guhangana n'imihindagurikire y'ibihe binyuze mu kugabanya ibyuka bihumanya ikirere.





# Banki y'Isi ibona ubwikorezi bw'u Rwanda mu 2030 mu yindi shusho



U Rwanda rushobora kuzaba ruyoboye muri Afurika mu gukoresha imodoka z'amashanyarazi bitarenze 2030

KAMALIZA Agnes

***Mu rwego rwo kubungabunga ibidukikije no kurwanya imyuka ihumanya ikirere, u Rwanda rufite intego y'uko 20% by'imodoka zitwara abagenzi mu buryo bwa rusange zizaba zikoresha amashanyarazi mu 2030, moto zikaba 30% naho imodoka z'abantu ku giti cyabo zikazaba ari 8%.***

Raporo nshya ya Banki y'Isi yagaragaje ko u Rwanda rwiyemeje ko izo modoka zizaba zikoresha umuriro w'amashanyarazi bitarenze uwo mwaka bizagerwaho hifashishijwe ishoramari rikenewe mu bikorwa remezo by'amashanyarazi, politiki zabyo zisobanutse, no gushaka uburyo bushya bwo kubona amafaranga.

Iyo raporo yiswe 'Exploring Enabling Energy Frameworks for Electric Mobility in Rwanda' yanagaragaje isuzuma ry'uburyo urwego rw'imodoka z'amashanyarazi rwiteguye gufasha no gukwirakwiza izikoresha batiri zicomekwa.

Iyo Raporo yateguwe ku bufatanye n'Umushinga ugamije kuzamura urwego rw'Ubwikorezi mu Mujyi wa Kigali, (Rwanda Urban Mobility Improvement Project - RUMI), Quality Infrastructure Investment (QII) ndetse na Partnership and Energy Sector Management Assistance Program (ESMAP), igaragaza isesengura ku bikenewe n'izo modoka z'amashanyarazi, aho batiri zajya zicomekwa ndetse n'andi mategeko agenga urwo rwego.

Inagaragaza uburyo urwego rw'ingufu n'ubwikorezi byatera imbere binyuze mu gukorera hamwe kandi mu buryo burambye.

U Rwanda rwihaye intego yo kuba ku isonga muri Afurika mu kwimakaza imodoka zikoresha umuriro w'amashanyarazi aho abashoramari bazanye izo modoka ndetse na sitasiyo zicomekwaho batiri mu Mujyi wa Kigali no mu nkengero zawo.

Mu rwego rwo kugera kuri iyo ntego kandi, Leta yashyizeho ingamba ko imodoka nshya izajya yinjizwa mu Mujyi igomba kuzajya iba ari iy'amashanyarazi, aho hanashyizweho ikigo 'Ecofleet Solutions', gishinzwe guhindura ubwikorezi rusange mu buryo bugezweho no kurengera ibidukikije.

Ubuyobozi bw'Ishyirahamwe ryo Gutwara Abantu n'Ibintu mu Rwanda (ATPR), buherutse gushimangira ko abazajya bagura imodoka nshya bazajya bibanda ku zikoresha amashanyarazi 100%.

Iyo gahunda igamije kugabanya ibyuka bihumanya ikirere inafitanye isano na Gahunda ya kabiri ya Guverinoma y'imyaka itanu yo kwihutisha Iterambere (NST2) ndetse n'amasezerano y'i Paris (Paris Agreement) aho u Rwanda rufite intego yo kugabanya ibyuka bihumanya ikirere ku kigero cya 38% bitarenze mu 2030.

Sahr Kpundeh, uhagarariye Banki y'Isi mu Rwanda, yashimangiye ko bishimiye gufasha u Rwanda mu rwego rw'ingufu n'ubwikorezi mu kugira ngo rugere ku iterambere rwiyemeje.

Ati: "Ubwikorezi bukoresha amashanyarazi si imodoka zitangiza ikirere gusa ahubwo ni umusingi w'ubukungu bugezweho n'ingufu zirambye."

Raporo inagaragaza ko ubwiyongere bw'imodoka zikoresha amashanyarazi bushobora kuzashyira igitutu ku rwego rw'ingufu rw'u Rwanda mu gihe bitasuzumwa neza.

Minisiteri y'Ibikorwa Remezo ishimangira ko Leta y'u Rwanda yiyemeje kongera imbaraga mu kwimakaza imodoka zikoresha amashanyarazi nk'imwe mu ngamba zo kurwanya imyuka ihumanya ikirere.

Ni mu gihe iyo Raporo ya Banki y'Isi ivuga ko u Rwanda rufite amahirwe yo kuyobora Afurika no kuba icyitegererezo mu rugendo rwo kwimakaza ikoreshwa ry'imodoka zikoresha amashanyarazi, ariko igasaba ko intsinzi izagerwaho mu gihe politiki z'ubwikorezi n'iz'ingufu zahuza imikoranire.



Ikigo Aterian cyahawe miliyoni 471 Frw zo gushora mu kwagura ibikorwa by'ubucukuzi bw'amabuye y'agaciro mu Rwanda

# Aterian Plc yungutse miliyoni 471 Frw izashora mu bucukuzi mu Rwanda

UBWANDITSI

***Bangamwabo Cyprien w'imyaka 51 wo mu Mudugudu wa Rubatura, Akagari ka Tyazo, Umurenge wa Rugabano, Akarere ka Karongi, afungiye kuri Sitasiyo y'Urwego rw'Ubugenzacyaha (RIB) ya Rugabano akurikiranyweho gutema ibiti mu ishyamba rya Leta akabijyana iwe akabibazamo imbaho.***

Aterian Plc yungutse miliyoni 471 Frw izashora mu bucukuzi mu Rwanda

UBWANDITSI

Ikigo Aterian Plc cyo mu Bwongereza cyahawe inguzanyo y'ibihumbi 325 by'amadolari y'Amerika, ni ukuvuga miliyoni 471 z'amafaranga y'u Rwanda, zo gushora mu kwagura ibikorwa by'ubucukuzi bw'amabuye y'agaciro mu Rwanda.

Icyo kigo cyibanda ku bushakashatsi no gucukura amabuye y'agaciro, cyamenyekanye cyane kubera ubushakashatsi bwacyo kuri Lithium mu Rwanda.

Aterian PLC ifatanya n'Ikigo cy'u Rwanda gishinzwe Mine, Peteroli na Gaze (RMB) kugira ngo yubahirize amategeko n'amahame mpuzamahanga bigenga ubucukuzi bw'amabuye y'agaciro butekanye kandi bujyanye n'igihe.

Biteganywa ko inguzanyo icyo kigo cyabonye izifashishwa mu kugura umushongi wa coltan (tantalum), ikaba ari inguzanyo yabonetse ku bufatanye n'ikigo gikomeye gicuruza ibyuma n'amabuye y'agaciro gifite izina rikomeye ku rwego mpuzamahanga.

Mu rwego rwo guhabwa iyo nguzanyo, Aterian Plc yatanze ingwate za miliyoni 1,043 ku bashoramari bayibemereye nyuma yo gusoza kwishyura inguzanyo bari bahawe mbere.

Biteganyijwe ko iyo nguzanyo izasozwa kwishyurwa ku ya 30 Ukuboza 2027 ku nyungu ya 20% n'ikiguzi cy'ubucuruzi kingana na 2% yishyurwa mu gihe cy'amezi atandatu ya mbere, ariko ashobora kongerwa ku bwumvikane bw'impande zombi.

Charles Bray, Umuyobozi Mukuru wa Aterian, yavuze ko iyo nkunga babonye yongereye igishoro cyabyo kandi igafungura n'ubushobozi bw'iki kigo bwo kwihutisha iterambere no kwagura amasoko ku rwego mpuzamahanga.

Yaboneyeho kwizeza abagura amabuye y'agaciro bacukura ko aba yabonetse mu nzira yubahiriza gahunda Mpuzamahanga w'uruhererekane rw'ubucukuzi bw'amabuye y'agaciro kandi ngo hakorwa ubugenzuzi buhoraho kugira ngo aboneke.

Aterian Plc yashyizeho ingamba zirimo no gusura ibirombe, gukurikirana inkomoko yabyo ndetse bagahamya ko amabuyre y'agaciro atari ava mu bice byazonzwe n'intambara.

Iyo gahunda ngo igamije guharanira ko ibikorwa bya Aterian bihamanya n'ubucukuzi bw'amabuye y'agaciro no kuyacuruza bifata mu nshingano guharanira inyungu ariko hanubahirizwa inshingano zo kurinda.

# U Rwanda na Guyana byemeje ubufatanye mu bya serivisi z'indege

NTAWITONDA Jean Claude

***Guverinoma y'u Rwanda n'iya Guyana byasinyanye amasezerano y'ubufatanye mu guteza imbere serivisi z'indege (BASA), mu nama ya 42 y'Umuryango Mpuzamahanga ushinzwe Indege za Gisivili (ICAO) iteraniye i Montreal muri Canada.***

Ayo masezerano afungurira amahirwe Sosiyete Nyarwanda y'Ubwikorezi bwo mu Kirere RwandAir yo kogoga ikirere cya Guyana nka kimwe mu bihugu bibarizwa mu birwa bya Karayibe.

Ku rundi ruhande, Sosiyete y'indege ya Guyana na yo yafunguriwe ikirere cy'u Rwanda, mu kurushaho kwimakaza umubano w'abaturage, ubucuruzi no gufungura imiryango y'andi mahirwe atarabyazwa umusaruro mu guharanira iterambere rirambye ry'ibihugu bya Karayibe na Afurika.

Ayo masezerano yashyizweho umukono na Ambasaderi w'u Rwanda muri Canada Prosper Higiro, n'Umuyobozi Mukuru w'Ikigo cy'Igihugu gishinzwe Indege za Gisivili muri Guyana Lt. Col (Ret'd) Egbert Field.

Abayobozi bombi bemeje ko iyi ari intambwe yo kurushaho kunoza umubano w'u Rwanda na Guyana, guhuza ingendo, ubucuruzi n'ubutwererane bushingiye ku ndege za gisivili.

Kugeza uyu munsi u Rwanda rumaze gusinyana amasezerano y'ubwo bwoko n'ibihugu birenga 110, ku Isi byiganjemo ibyo ku mugabane wa Afurika, ibyo mu Burasirazuba bwo Hagati, i Burayi, Aziya na Amerika.

By'umwihariko u Rwanda na Guyana biteye iyi ntambwe mu gihe bikomeje guteza imbere ubutwererane mu nzego zitandukanye nyuma yo gutangiza umubano mu bya dipolomasi mu kwezi kwa Kanama 2022.



**Guverinoma y'u Rwanda n'iya Guyana byasinyanye amasezerano y'ubufatanye**

Mu myaka itatu ishize, ibihugu byombi byiyemeje kurushaho kongerera imbaraga umubano ushingiye ku bushuti n'ubutwererane mu nzego zitandukanye, ubu bikaba bifatanye by'umwihariko mu burezi, ubuzima n'iterambere muri rusange.

Ibihugu kandi byiyemeje kurushaho gushyigikirana mu ruhando mpuzamahanga, bijyanye n'umubano bifitanye mu Miryango Mpuzamahanga inyuranye irimo n'Umuryango w'Abibumbye.

# Gaspard Twagirayezu yagizwe Umuyobozi w'Ihuriro Mpuzamahanga Rirengera Isanzure



**Gaspard Twagirayezu uyobora RSA yagizwe Umuyobozi wungirije w'Ihuriro IAF**

NTAWITONDA Jean Claude

***Umuyobozi Mukuru w'Ikigo gishinzwe Ibijyanye n'Isanzure (Rwanda Space Agency 'RSA') Gaspard Twagirayezu, yagizwe Visi Perezida w'Ihuriro Mpuzamahanga Rirengera Isanzure (International Astronautical Federation/ IAF).***

Twagirayezu yaherewe izo nshingano mu Nama Mpuzamahanga y'Abahanga mu by'Isanzure yabereye i Sydney muri Australia kuva tariki ya 29 Nzeri igasoza ku ya 3 Ukwakira 2025.

Ni inama ihuriza hamwe abantu basaga 6 000 buri mwaka, ikaba igaruka ku nsanganyamatsiko zose zirebana n'isanzure, aho buri wese asubirana mu gihugu cye amakuru agezweho mu burezi n'inganda zijyanye n'iby'isanzure.

Nanone kandi abitabira bagira amahirwe yo kungurana ibitekerezo no gutangiza ubufatanye bushya hagati y'inzego z'ibihugu.

IAF itegura iyo nama, ni urwego rwashinzwe mu mwaka wa 1951, uyu munsi rukaba ruza imbere mu gukora ubuvugizi ku birebana n'isanzure, kuko uhuriza hamwe ibigo by'ubushakashatsi, za kaminuza, imiryango y'abanyamwuga mu by'isanzure n'abandi batanga umusanzu wabo mu kwimakaza ubutwererane mu by'isanzure ku rwego mpuzamahanga.

Iryo huriro ririmo kwizihiza isabukuru y'imyaka 74, ryatangiranye n'Imiryango inyuranye ikomoka mu bihugu 10 ari byo u Bufaransa, u Bwongereza, Argentina, Austria, u Budage, u Butaliyani, Esipanye, Suwede, u Busuwisi na Leta Zunze Ubumwe z'Amerika (USA).

Uyu munsi, u Rwanda na rwo ruri mu bihugu byinjiye muri iryo huriro mu gihe rukomeje gushyira imbere kubyaza umusaruro isanzure ku bufatanye n'amahanga.

U Rwanda ruri mu bihugu bya Afurika byashyize umukono ku masezerano ya Artemis amaze gusinywa n'ibihugu 23 byashyizeho amabwiriza no kubyaza umusaruro isanzure n'iterambere ry'ubukungu rishingiye ku yindi mibumbe.

Ikigo RSA na cyo cyashinzwe mu mwaka wa 2020, kigamije kugenzura no guhuza ibikorwa byose bikorerwa mu isanzure mu Gihugu, ari na ko hahangwa ikirere cyoroshya iterambere ry'inganda no kwihangira imirimo, guhanga udushya dukenewe mu ruhando mpuzamahanga no ku isoko ry'imbere mu Gihugu.

Kugeza ubu u Rwanda rumaze kohereza mu isanzure icyogajuru kimwe cyitwa RwaSat-1 ku bufatanye n'u Buyapani, ndetse biteganyijwe ko rushobora gusinyana amasezerano nk'ayo na Leta Zunze Ubumwe z'Abarabu (UAE) mu bihe biri imbere.

U Rwanda rwatangiye kohereza ibindi byogajuru byinshi mu isanzure hagamijwe koroshya iterambere ry'Igihugu mu bijyanye umutekano, imibereho myiza n'ubukungu bwubakwa hashingiwe ku makuru





# Abakozi ba RPC Ltd basabwe kurushaho gukorera hamwe



**Umuyobozi w'Agateganyo wa RPC Ltd Bizimana Jerôme, yagaragaje ko aho umusaruro ugeze bituruka ku bwitange bw'abakozi**

MUTETERAZINA Shifah

***Ubuyobozi bw'Ikigo cy'Icapiro ry'Igihugu gikora n'ubucuruzi (Rwanda Printery Company, RPC Ltd) bwashimiye abakozi ku bwitange n'umurava byabaranze muri uyu mwaka wa 2025 ubura igihembwe kimwe ngo urangire, basabwa kurushaho gukorera hamwe kugira ngo bazese imihigo.***

Banasabwe kandi gusubira inyuma mu ntego zabo z'umwaka bakikorera ubugenzuzi, kugira ngo umwaka uzajye gushira bahura n'igenamigambi ikigo cyihaye.

Ni bimwe mu byagarutsweho ubwo bari mu mwiherero w'abakozi bamazemo iminsi ibiri watangiye tariki 2-4 Ukwakira 2025, wari ugamije kurebera hamwe aho bageze besa imihigo n'aho bakwiye kongera imbaraga kugira ngo barusheho kugera kure.

Mu kiganiro na Imvaho Nshya, Umuyobozi w'Agateganyo wa RPC Ltd Bizimana Jerôme, yagaragaje ko kugeza ubu umusaruro umaze kugerwaho mu kigo utanga icyizere ko umwaka uzajya gushira inyungu ikigo gifite ingana n'uy'umwaka washize, ibyo avuga ko bigaragaza ubwitange bw'abakozi.

Yagize ati: "Mu rwego rw'amafaranga bigaragara ko muri uyu mwaka wa 2025, twenda kugeza ku kigero cy'ayo twabonye umwaka ushize wa 2024, kandi umwaka ushize hari ikiraka gikomeye cya Komisiyo y'Igihugu y'Amatora twabonye tutabonye uyu mwaka. Ibyo bigaragaza ko abakozi bashyizemo imbaraga kandi bakitanga ugereranyije n'umwaka ushize; turabibashimira."



**Umutoni Flora yatowe na bagenzi be nk'umukozi mwiza w'umwaka**

Yakomeje yibutsa ko nubwo bishimira intambwe imaze guterwa, hakiri iminsi isigaye kugira ngo umwaka urangire, abasaba kurushaho gukorera hamwe no kurangwa n'ubwitange mu nshingano zabo.

Ati: "Harabura igihembwe kimwe ngo umwaka urangire, icyo mbasaba ni ukwitanga bakubahiriza inshingano zabo. Ikindi ni uko bagira imikoranire myiza bagakorera hamwe, aho umwe agize intege nke mu kazi ke akitabaza mugenzi we kuko umuntu umwe ntiyigira."

Muri uwo mwiherero w'abakozi, hanabayemo igikorwa cyo gutora no guhemba umukozi w'umwaka mu kigo.

Mu gikorwa cyakozwe n'abakozi ubwabo aho batoye bandika amazina y'abo bemeza ko babaye indashyikirwa, hatowe Umutoni Flora ushinzwe Abakozi n'Ubuyobozi muri RPC Ltd nk'umukozi w'indashyikirwa.

Umutoni Flora yashimiye Imana yamubaye hafi, ikamuha ubwenge bwo kunoza inshingano ze ndetse na bagenzi be bakorana bamufashije kubigeraho.

Ati: "Ndashima Imana kubera ubwenge, imbaraga n'ubuntu bwayo yangaragarije. Iki gihembo ni ikimenyetso cy'ubudahemuka bwayo mu buzima bwanjye. Icyubahiro cyose kibe icy'Imana."

Umutoni akomeza avuga ko atari kubigeraho atagize abo bakorana beza kandi abashimira imikoranire myiza bakomeje kumugaragariza.

Ubuyobozi bwa RPC Ltd buvuga ko hari ibyo bagishyiramo imbaraga nyinshi harimo kongera umubare w'ibigo baha serivisi no kubona imashini nshyashya zijyanye n'igihe zikoreshwa mu gucapa mu buryo bugezweho.

Buvuga kandi ko bushyira imbaraga mu gukumira icyahungabanya ubuzima bwo mu mutwe bw'abakozi giturutse ku kazi mu buryo ubwo ari bwo bwose, haba mu mibanire n'imikoranire y'abakozi ubwabo, abakozi n'abayobozi cyangwa kudahabwa ibyo agenerwa n'itegeko.

Mu mwaka wa 2024, RPC Ltd yagize urwunguko rwageze kuri 25% y'amafaranga ashorwamo buri mwaka, ari rwo bateganya ko ruzasingirwa mu 2025.



**Umutoni Flora avuga ko kuba umukozi mwiza w'umwaka yabifashijwemo n'Imana ndetse n'ubufatanye bw'abo bakorana**



**Muri uwo mwiherero bakoreyemo imikino itandukanye ibafasha kumenya byinshi bibafasha kunoza akazi kabo**



**Kwidagadura byanajyanye no gukina imikino inyuranye irimo na beach volleyball**

# Rutsiro: Yahereye ku kazi ko mu rugo yiga kudoda bimuhindurira ubuzima

**KWIZERA Jean de Dieu**

***Kampire Gaudence utuye mu Mudugudu wa Miraramo, Akagari ka Kabuga, Umurenge wa Mukura, avuga ko afite icyizere cy'ejo hazaza yakuye ku gutinyuka akihangira imirimo aho kugeza ubu ashobora kwinjiza asaga ibihumbi 50 Frw ku kwezi.***

Aganira na Imvaho Nshya Kampire yavuze ko yakuriye mu buzima bugoye bwanatumye adakomeza amashuri ngo ayarangize nk'intego yari afite bigatuma ajya gushaka akazi ko mu rugo mu 2016, kaje kumufasha kwiga imashini idoda.

Yagize ati: "Ubusanzwe nari mfite gahunda yo kwiga nkarangiza amashuri ngashaka akazi, ariko ngeze mu mwaka wa gatandatu w'amashuri abanza nakoze ikizamini, ndatsinda iwacu babura amafaranga yo kunjyana mu mashuri yisumbuye. Ubwo mfata umwanzuro wo kuvamo bigoye kuko nabikundaga."

Yakomeje agira ati: "Nahise ngira igitekerezo cyo gushaka ubushobozi bwazamfasha kwiga imyuga ubundi nkibeshaho ntasabirije.

Mu kumara nk'imyaka ibiri ndi mu rugo nahuye n'umuntu andangira akazi ko mu rugo mu Mujyi wa Kigali nkakora nk'umwaka ngaruka hano, nza kujya i Rubengera mu 2018 naho nkora akazi ko mu rugo."

Avuga ko arangije mu 2022, hari uwamuguriye imashini idoda, kuva 2023, atangira kudoda.

Iyo nabonye ibiraka byo kudodera abanyeshuri ndetse n'abandi ndodera nshobora kwinjiza impuzandengo y'asaga 50 000 Frw ku kwezi.'

Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Umurenge wa Mukura Ndayambaje Emmanuel, yabwiye Imvaho Nshya ko biteye ishema kuba umwana w'umukobwa yarakoze akagira intego zo kwihangira imirimo.

Yagize ati: "Ni byiza kuba yarakoze uko ashoboye kugeza yihangiye imirimo. Tubikoze n'urundi rubyiruko kuko bituma bakurana umutima wo gukora no gufasha abandi."

Kampire yabwiye Imvaho Nshya ko uretse kuba akunze gushaka ibiraka byo kudodera abanyeshuri bo mu mashuri abanza n'ay'inshuke kuko ari byo bigira amafaranga, avuga ko afite gahunda yo gutangira kwigisha abandi bana b'abakobwa azabona bafite ubushake bwo kwiga aho atuye mu Murenge wa Mukura.

Yagize ati: "Icyo nabwira abandi bakobwa bagenzi banjye bari mu kazi ko mu rugo, ni uko bagakora ariko bafite intego, ibyo bizatuma no mu gihe batakarimo bagira agaciro, ariko nibakagumamo babona amafaranga bakayapfusha ubusa ntacyo bazageraho."

Agira inama abandi bakobwa bakora akazi ko mu rugo, kugira intego.




Kampire Gaudence akunda kubona akazi ko kudodera abanyeshuri




Bashima ko basigaye babona serivisi hafi batagikora urugendo rw'amasaha 2 bajya kuzisaba mu Karere ka Muhanga

## Kamonyi: Ntibagikora urugendo rw'amasaha 2 bajya kwivuza i Muhanga

**UWIZEYIMANA Aimable**

***Abatuye mu Murenge wa Kayumbu mu Karere ka Kamonyi, bavuga ko batarubakirwa ikigo nderabuzima cya Kayumbu bakoraga urugendo rw'amasaha abiri bajya kwivuza mu kigo nderabuzima cya Rutobwe mu Karere ka Muhanga.***

Nishimwe Felecite ni umwe muri abo baturage, uvuga ko kubakirwa ikigo nderabuzima cya Kayumbu, byatumye baruhula urugendo rw'amasaha abiri bakoraga bagiye kwivuriza mu Karere ka Muhanga.

Ati: "Icyo nakubwira ni uko kuri ubu tworohewe no kwivuza hafi, kuko iki kigo nderabuzima kitarubakwa hano twakoraga urugendo rw'amasaha abiri tujya mu Rutobwe kwivuzayo none kuri ubu jyewe navuye mu rugo sambiri nje kwivuza none satanu urabona ko ntashye."

Mugenzi we Nshimiyimana Emmanuel avuga ko usibye gukora urugendo bajya kwivuza mu Karere ka Muhanga, batagitonda umurongo munini bategereje kuvurwa.

Ati: "Rwose ndashimira ubuyobozi bwatwubakiye iri vuriro, kuko Jyewe ukubwira naruhutse kujya kwivuza mu Karere ka Muhanga aho nakoraga urugendo rw'amasaha abiri narangiza nkamara andi abiri ntegereje muganga kubera umurongo muremure wabaga uhari w'abarwayi."

Umuyobozi w'Akarere ka Kamonyi wungirije ushinzwe Imibereho myiza y'Abaturage Uwiringira Marie Josee avuga ko abatuye Kayumbu borohewe no kubona zimwe muri serivisi z'ubuvuzi hafi, kuko mbere nta kigo nderabuzima cyabaga mu Murenge wabo.

Ati: Ibyo bakubwiye ni byo koko ikigo nderabuzima cya Kayumbu cyaje ari igisubizo kuri bo, kuko mbere y'uko cyubakwa, ntacyabaga mu Murenge wabo wa Kayumbu byasabaga kujya kwivuza mu Karere ka Muhanga, cyangwa mu Murenge wa Karama nabwo bakoze urugendo rutari ruto, ku buryo mbihereyeho kimwe n'abandi baturage abasaba kujya bafata neza ibikorwa remezo baba begerejwe kugira ngo bitangirika."

Ikigo nderabuzima cya Kayumbu gitanga serivisi z'ubuvuzi nibura ku barwayi batari munsi ya 70 ku munsi, gusa byagera mu minsi isoza icyumweru, bakikuba kabiri, bakarenga 140, kitarubakwa abo bose bahuriraga ku kigo nderabuzima cya Rutobwe cyo mu Karere ka Muhanga, aho bahasangaga n'abandi, ibyatumaga kubona serivse z'ubuvuzi ku gihe bigorana.





# Nyamasheke: Umubiri w'uwazize Jenoside wabonetse biturutse ku ntonganya



Harimo hashakishwa umubiri w'uwazize Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994

**BAHUWIYONGERA Sylvestre**

***Abantu 6 barimo 5 bo mu muryango umwe, bafungiye kuri sitasiyo ya RIB ya Macuba mu Karere ka Nyamasheke bakurikiranyweho guhisha amakuru y'ahari umubiri wa Nyirankunzebo Siforo, wicanywe n'umwana we wari ufite ibyumweru 2, akagaragazwa n'intonganya zo mu kabari.***

Musaza wa Nyirankunzebo Siforo, witwa Nirere Zacharie, utuye mu Mudugudu wa Nduba, Akagari ka Karengera, Umurenge wa Kirimbi mu Karere ka Nyamasheke, yabwiye Imvaho Nshya ko bari abana 9 mu muryango wabo, muri Jenoside yakorewe Abatutsi hicwa 8 asigara wenyine. Muri abo 8 yashyinguye 4 gusa, abandi 4 barimo na Nyirankunzabo, kugeza ubu yari atarabona imibiri yabo.

Avuga ko intandaro y'amakuru y'aho uyu mubiri wari uherereye, yabaye umugore wa nyirarume witwa Nyirandekwe Adalie w'imyaka 78, wamusanze mu kabari kari mu Mudugudu wa Karambi mu Kagari ka Karengera, akamubwira kumusomya ku rwagwa yasangiraga n'abandi, Nirere akamwihorera.

Ati: "Yakomeje gusa n'uniyiyenzaho arambwira ngo ndamwima ku nzoga naramumariye ishyamba nditemagura, mubwira ko ntaryo ntema. Arambwira ngo'Ese ubundi wowe abishe abandi bagusigiye iki? Anongeraho ko azi aho mushiki wanjye Nyirankunzebo ashyinguye."

Yavuze ko, akimara kubimubwira,anakubitiyeho ko abavandimwe be 5 bose bari bahungiye mu rugo rw'uyu mukecuru muri Jenoside kuko umugabo we yari nyirarume wabo, bose bakicwa, hakaboneka imibiri y'abavandimwe be 3 gusa,uyu mushiki we n'ako kana yari amaze ibyumweru 2 gusa abyaye imibiri yabo ikabura, atashidikanyije kuba amakuru ayafite.bAbibwira ubuyobozi bwa Ibuka muri uwo Murenge, na bwo buyaha izindi nzego.

Avuga ko uyu mukecuru yabonye bitacyoroshye ashaka guhakana ariko inzego zikomeza gucukumbura, amakuru atangwa n'abandi, bagiye kureba aho baberetse,mu isambu yakuwemo iyo mibiri 3, mu Mudugudu wa Rugote, uwo mubiri bawubona bakubise isuka imwe gusa kandi hahingwaga na nyirarume wundi, murumuna w'umugabo w'uyu mukecuru, baragiye basibanganya ibimenyetso.

Ati: "Twawubonye nshimishwa n'uko ngiye gushyingura mushiki wanjye mu cyubahiro, nshengurwa ariko n'uko hari ibice bimwe byawo nabuze, nkeka ko babikuyemo basibanganya ibimenyetso.

Ngasaba ko bazabigaragaza, bakanambwira aho abandi bavandimwe banjye 3 ntarabonera imibiri bajugunywe na yo igashyingurwa mu cyubahiro."

Uhagarariye Ibuka mu Murenge wa Kirimbi, Ntirenganya François, avuga ko uwo mubiri wasanzwe mu isambu ya murumuna w'umugabo w'uwo mukecuru, akanaba nyirarume wa Nirere Zacharie na Nyirankunzebo Siforo,wari umusirikare mu ngazo zatsinzwe, wahingwaga n'umwe mu bavandimwe be witwa Mubumbyi Filemon, n'ubundi ahegereye aho imibiri 3 yabonetse.

Yavuze ko abantu 6 bahise batabwa muri yombi.

Ati: "Abafashwe ni uwo mukecuru Nyirandekwe Adalie, barumuna b'umugabo we 4 bakanaba ba nyirarume ba Nirere Zacharie, ari bo Mubumbyi Filemon wahingaga iyi sambu, ahinga hejuru y'uwo mubiri agaceceka, agahisha amakuru, Bizimana Aimable bivugwa ko yari ruharwa muri Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994, binakekwa ko ari we wishe uwo mwishywa we Siforo, Niyomugabo Epimaque na Karama Paul, bose bakekwaho guhisha amakuru."

Yongeyeho ati: "Hiyongeraho Biziyaremye Bosco wakoze Jenoside, bavugaga ko yamwireze ariko ntagaragaze aho uwo mubiri uri, akavuga ko mu bo yireze uwo atarimo, na we yafashwe ngo agire amakuru atanga yisumbuyeho.

Twatangajwe no kubona uwahingaga iyi sambu atubwiye ko uwo mubiri wari uri hafi y'iyabonetse, twahagera, bakubise isuka imwe gusa uhita uboneka, byerekana ko utari kure,n'amakuru bari bayafite, barayacecetse."

Umubiri wabonetse wajyanywe mu rwibutso rwa Jenoside rwa Kirimbi gutunganywa ngo uzashyingurwe mu cyubahiro.

Ntirenganya François akomeza avuga ko nka Ibuka bababazwa n'uko ako gace gakomeje kubonekamo imibiri myinshi idatangirwa amakuru, ikaboneka bahinga cyangwa hari abivananyemo, baba bari mu kabari cyangwa ahandi, akabona ari ingengabitekerezo ya Jenoside icyokamye bamwe mu baturage baho.

Ati: "Mbibonamo ubugome bukomeye n'ingengabitekerezo ya Jenoside igishinze imizi muri uyu Murenge, kuko nka kariya gace kaguyemo Abatutsi barenga 400 nyamara urwibutso rwa Jenoside rwa Kabuga rushyinguyemo imibiri 135 gusa, indi tutazi aho iri, ababishe n'abareberaga bacecetse, bakayerekana bivuyemo nk'uko mu kabari n'ahandi."

Yishimira kuboneka k'uyu mubiri, ko bibaruhuye nk'abarokotse bagifite intimba y'iyi mibiri yose batabona, asaba ubuyobozi gukomeza gukangurira abaturage bafite amakuru y'ahari indi mibiri kuhagaragaza, kuko nk'aba bazaga kwibuka,ubutumwa butangwa bakabwumva, bakinangira kugeza amakuru amenyekanye.

Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Umurenge wa Kirimbi, Habimana Innocent na we yavuze ko bibabaje cyane kubona imyaka 31 ishize abantu babitse amakuru y'ahari iyi mibiri bakahaceceka,ko ari ingeso mbi cyane, yuzuye ingengabitekerezo ya Jenoside.

Ati: "Abafite ayo makuru rwose bisubireho bayatange. Barahari, baranayafite, ikibazo ni ukubohoka bakayatanga kandi nta gihe batabisabwa. Bamenye ko utanze amakuru ku bushake nta ngaruka bimugiraho, ariko uwo bimenyekanye ko atayatanze, ayazi, abikurikiranwaho."

Yihanganishije umuryango wa Nirere Zacharie wari umaze iyi myaka yose utazi aho umubiri w'umuntu wawo wajugunywe nyamara uri hafi aho, abagatanze amakuru bararyumyeho kandi ko abo bayacecetse babaye ibigwari.

# Gicumbi: Uwari umuyede yoroye inka zimwinjiriza miliyoni 2 Frw ku kwezi

**NGABOYABAHIZI Protais**

***Uzabakiriho Gervais, w'imyaka 52, utuye mu Murenge wa Shangasha, Akagari ka Shangasha mu Karere ka Gicumbi, wahoze ari umuyede, ubu yoroye inka zimuha litiro 250 ku munsi, zikamwinjiriza amafaranga y'u Rwanda miliyoni 2 ku kwezi, abikesha gahunda ya Girinka.***

Uyu mugabo avuga ko yakuze ari imfubyi, mu muryango wabo nta nka bigeze, kandi kubona amata byari inzozi. Akenshi yakoraga imirimo y'ubuyede mu baturanyi, nta cyo yashoboraga kwizigamira.

Ati: "Nakuze ndi umukene, data yapfuye nkiri mu mwaka wa gatatu w'amashuri abanza. Ubuzima bwanjye bwo kwiga bwarangiriye mu mwaka wa munani kubera ubukene. Nakoraga imirimo y'ubuyede kugira ngo mbeho, ariko nta cyizere cyo gutera imbere nari mfite."

Uzabakiriho avuga ko ubuzima bwe bwahindutse ubwo mu mwaka wa 2007 yahawe inka muri gahunda ya Girinka. Iyo nka yabyaye inyana ebyiri. Ubu afite inka zisaga 20, zimuha umukamo w'amata ungana na litiro 250 ku munsi, umwinjiriza miliyoni 2 Frw buri kwezi.

Uzabakiriho avuga ko gahunda ya Girinka yamuhaye amahirwe yo kubaka ubuzima bushya.

Yagize ati: "Nyakubahwa Perezida Paul Kagame yanyoroje inka muri 2007, ibyo byahinduye amateka yanjye. Ubu mfite imodoka ebyiri, inzu igezweho ifite agaciro ka miliyoni 44 Frw, kandi mbasha gutanga akazi ku bantu barenga batandatu. Abana banjye biga muri kaminuza zigenga, byose mbikesha ubworozi bwangejeje no ku buhinzi bwa kinyamwuga, kuko naguze amasambu afite agaciro katari munsi ya miliyoni 100"

Kuri ubu Uzabakiriho atanga akazi ku baturanyi be, akabafasha kuzamura imibereho yabo nk'uko Uwimana Jeannette, umwe mu bakozi be abivuga

Yagize ati: "Nkora hano mu mirima ya Uzabakiriho; nkahembwa ibihumbi 80 Frw buri kwezi. Ubu mbasha kwishyurira abana banjye amashuri maze no kuvugurura inzu mbayeho mu buzima bwiza, kubera Girinka ubundi nari nzi ko akazi nyako ari ako gusoroma icyayi. Kuba twabonye akazi bituruka kuri Girinka ni ibintu twishimira cyane."

Umushumba w'inka za Uzabakiriho yavuze ko ubwo yatangiye gukorera uyu mugabo byatumye ahindura imibereho, yiteza imbere.

Yagize ati: "Maze imyaka ibiri nkorera Uzabakiriho. Mpembwa neza ku buryo maze kuzigama miliyoni 1,2. Ubu nteganya kugura ikibanza nkubaka inzu yanjye."

Umuyobozi w'Akarere ka Gicumbi, Nzabonimpa Emmanuel, ashimangira ko urugero rwa Uzabakiriho ari isomo rikomeye, akurikije urugendo uyu mworozi yakoze.

Yagize ati: "Gahunda ya Girinka yashyiriweho abaturage nk'urufunguzo rw'iterambere. Kubona umuntu wigeze kuba umuyede none akaba yinjiza miliyoni 2 ku kwezi kandi atanga akazi ku baturanyi be, bigaragaza neza uburyo imiyoborere myiza ifasha abaturage kuzamuka mu bukungu, kandi dusaba n'abandi kumva ko amafaranga bajya bifuza ari mu biganza byabo basabwa gukora gusa."

Gahunda ya Girinka Munyarwanda yatangijwe na Nyakubahwa Perezida Paul Kagame mu mwaka wa 2006, igamije gufasha imiryango ikennye kubona amata, kunoza imirire, kongera ifumbire y'imborera no guteza imbere ubukungu bushingiye ku bworozi.

Ubu imiryango ibihumbi bisaga 400 hirya no hino mu gihugu yamaze kwivana mu bukene biciye muri iyi gahunda, kandi abayigize bagaragaza impinduka zifatika mu mibereho yabo.



**Uzabakiriho ni umworozi wabigize umwuga muri Gicumbi**



**Abahinzi bavuga ko ubwanikiro bw'ibigori ari buto bifuza ko bwakongerwa**

# Nyaruguru: Ubwanikiro buto buteza abahinzi igihombo

**UWIZEYIMANA Aimable**

***Abahinzi bo mu Mirenge ya Cyahinda na Nyagisozi mu Karere ka Nyaruguru, bibumbiye muri Koperative Abishyizehamwe, bahinga mu gishanga cy'Urwonjya bavuga ko babura aho banika kuko ubwanikiro bafite ari buto, bikabateza igihombo.***

Bavuga ko ubwo bafite usanga budahagije ugereranyije n'umusaruro babona, ku buryo umusaruro bajyana kwanika mu miryango yabo wangirika, biturutse ku kubura aho bawanika.

Umwe muri abo bahinzi babarizwa muri Koperative Abishyizehamwe avuga ko ubuyobozi bukwiye kubafasha kubona ubwanikiro kuko umusaruro bezaga wikubye kabiri ku buryo usanga hari uwo bajyana mu rugo kubera kubura aho bawanika.

Ati: "Duhinga ibigori n'ibirayi rero umusaruro twabonaga wikubye kabiri, ku buryo iyo ugereranyije n'ubwanikiro dufite hari umusaruro tujyana kwanika mu rugo rimwe na rimwe ukahangirikira, rwose nkaba nifuza ko ubuyobozi bukwiye kudufasha tukabona ubundi bwanikiro kuko kubera gukoresha ifumbire y'imborera n'imvaruganda ku gihe byazamuye umusaruro babonaga.

Mugenzi we babana muri Koperative avuga ko ubuyobozi bukwiye kubafasha bakabona ubwanikiro buhagije.

Ati: "Mu by'ukuri jyewe icyo navuga ni uko ubuyobozi bukwiye kudufasha kubona ubwanikiro buhagije, kuko ubu umusaruro tuzabona muri iki gihembwe cya mbere cy'ihinga cya 2026A, nabwo nuba ari mwinshi tuzabura aho twanika".

Umuyobozi w'ishami ry'ubuhinzi n'umutungo kamere mu Karere ka Nyaruguru, Uwambajimana Philippe, avuga ko ikibazo cy'ubuke bw'ubwanikiro kizwi, kandi hari ubundi bugiye kubakwa buzabiba icyuho.

Ati: "Ni byo mu Karere kacu ka Nyaruguru ikibazo cy'ubwanikiro buke ndetse n'aho buri bukaba ari buto turakizi kandi hari gahunda yo kubaka ubundi bwanikiro, twabasaba kuba bihanganye mu gihe hari gushakwa igisubizo kirambye cyo kububakira ubwanikiro."

Abo bahinzi bahinga mu gishanga cy'Urwonjya bakaba bagera ku 1742, aho bahinga ku buso busaga hegitari 150. Mu karere ka Nyaruguru harabarurwa ubwanikiro bw'igihingwa cy'ibigori bugera kuri 11, bukaba bwanikwaho umusaruro w'ibigori uhingwa ku buso busaga hegitari 9,5.





# Rusizi: Abagore 2 bafungiwe kwiba mu ngo binjiragamo nk'abasabiriza



**Aba bagore bitwazaga gusabiriza mu ngo bakiba imyenda**

**BAHUWIYONGERA Sylvestre**

***Mukarishiri Damarisi na Nyirangirimana Patricie batawe muri yombi nyuma yo gutahura ko bitwagaza kwinjira mu ngo basabiriza bagasiga bazicucuye mu Karere ka Rusizi.***

Abo bagore baturuka mu Murenge wa Gihundwe mu Tugari dutandukanye bafashwe bamaze kwanura imyenda mu rugo rwa Muhutukazi Jeannine wo mu Mudugudu wa Kabeza, Akagari ka Kamashangi, Umurenge wa Kamembe.

Aganira na Imvaho Nshya, Muhutukazi Jeannine yavuze ko yameshe imyenda arayanika, ajya mu isoko guha umukiriya we itomati acuruza, agarutse asanga imyenda yari yanitse yose yibwe.

Ati: "Nkihagera nabuze imyenda nari nsize nanitse maze kuyimesa, nibuka ko hano hamaze iminsi haca abana, abakobwa bakuru n'abagore barimo abakecuru basabiriza, nkumva ari bo biba. Nkurikije n'abagore bafatanwa imyenda, inkweto n'ibindi baba bavuga ko bacuruza kandi byibwe, ntangira gushakisha."

Avuga ko yinjiye mu kabari kamwegereye abonamo abagore bari binjiyemo bafite ibintu mu mifuka, yitabaza abaturage bafatwa gutyo.

Bahise bahamagara ubuyobozi burabafata, bunagaragaza amayeri bakoresha mu kwiba abantu harimo no kwifashisha abana.

Umwe mu bayobozi muri uyu mudugudu yagize ati: "Haherutse gufatwa n'undi mugore wakoreshaga umwana we mu gusaba yari yarakuye mu ishuri ngo ajye asaba amushyire. Bafatiwe mu Kagari ka Cyangugu bari hamwe basabiriza bafatanwa imyenda, amashuka n'ibindi by'agaciro k'amafaranga y'u Rwanda ari hejuru ya 50.000."

Avuga ko bakurikije amakuru bakura mu bo bafata, imyenda, inkweto, amashuka n'ibindi aba bajura bitwaza gusaba banura, babigurisha n'abaturuka mu Murenge wa Nkombo babijyana i Bukavu no mu kirwa cya Ibinja muri Repubulika Iharanira Demokarasi ya Congo (RDC).

Ati: "Bikwiye guhagurukirwa kuko hari n'abagore n'abagabo duhura na bo muri uyu mujyi babunza iyo myenda, wamwaka nk'ipantalo cyangwa essui-main ngo ugure ukabona iratose bigaragara ko baba bamaze kubyanura ahantu. Hari n'abafatanwa ibindi birimo ibyo baba bakuye mu bikoni birimo amasafuriya n'ibindi."

Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Umurenge wa Kamembe Ingabire Joyeux, yashimiye abaturage bafashe aba bagore, abasaba kujya batanga amakuru ku gihe, cyane cyane ku bitwaza abana mu gusabiriza banabigisha ubujura.

Ati: "Icyo dusaba abaturage ni ukujya baduha amakuru y'abo bafatiyemo cyangwa bakekaho izo ngeso mbi, tubakurikirane tubafate. Ingeso yo gusabiriza, nk'ubuyobozi twarabihagurukiye. Aba bakura abana mu ishuri cyane cyane abo amateka agaragaza ko basigaye inyuma, bakabajyana gusabiriza, tugomba kubafata tukabigisha, abo bana bagasubizwa mu mashuri bakiga."

Yanenze ababyeyi bananirwa gukora bakanigisha abana babo gusabiriza, kuko baba barimo gusenya ahazaza habo n'ah'Igihugu.

# Musanze: Umusore na nyina bafatwanywe udupfunyika 2.520 tw'urumogi

**NGABOYABAHIZI Protais**

***Umusore na nyina umubyara bafungiwe kuri Sitasiyo ya Polisi y'u Rwanda ya Muhoza, nyuma yo gusanganwa udupfunyika 2.520 mu nzu batuyemo mu Mudugudu wa Kiryi, Akagari ka Kigombe, Umurenge wa Muhoza mu Karere ka Musanze.***

Uwo mubyeyi n'umuhungu we bafashwe ku makuru yatanzwe n'abaturanyi babo mu ijoro ryo ku wa Gatandatu rishyira kuri iki Cyumweru tariki ya 5 Ukwakira 2025.

Abo bakekwaho kuba mu bakwirakwiza urumogi hirya no hino mu gihugu bafashwe mu bikorwa bya Polisi byo kurwanya ibiyobyabwenge.

Umwe mu baturanyi yagize ati: "Aba bantu, umwana na nyina, ni bo birirwa bicaye nasinze, rimwe na rimwe nyina w'uyu mwana akarwana, umusore na we bikagaragara ko yasinze. Twari dusanzwe tubakeka ariko noneho barafashwe, dushimiye Polisi y'u Rwanda."

Undi Mubyeyi anenga cyane mugenzi we utoza umwana we kwishora mu biyobyabwenge ahamya ko ari ingeso mbi yangiza ahazaza habo.

Yagize ati: "Birababaje kubona umubyeyi aho gutoza umwana we umwuga uzamuteza imbere amushora mu biyobyabwenge. Ibi bintu biganisha habi urubyiruko n'Igihugu muri rusange, ndasaba ababyeyi gutoza abana umuco mwiza wo kwirinda ibiyobyabwenge kandi natwe tuzakomeza gutanga amakuru."

Umuvugizi wa Polisi y'u Rwanda mu Ntara y'Amajyaruguru IP. Ignace Ngirabakunzi, yashimiye abaturage bagize uruhare mu gufata ibi biyobyabwenge.

Yagize: "Abaturage ni bo bafatanyabikorwa b'ibanze mu mutekano aho baduha amakuru adufasha gukumira no kurwanya ibyaha; ni muri urwo rwego aba bantu bafashwemo."

Yavuze ko abaturage benshi bamaze gusobanukirwa n'ububi bw'ibiyobuabwenge, ari na yo mpamvu batazuyaza mu gutangira amakuru ku gihe.

Ati: "By'umwihariko ibiyobyabwenge byo ni ibindi bindi kuko ari intandaro y'ibindi byaha ndetse bikatwangiriza abaturage biganjemo urubyiruko. Turasaba buri wese kubitangaho amakuru kugira ngo abagira uruhare mu kubitunda, kubicuruza no kubikoresha bafatwe."

Yongeyeho ko abishora mu gucuruza no gukwirakwiza ibiyobyabwenge bakwiye kumenye ko amayeri bakoresha yose yatahuwe, bityo bakaba bagirwa inama yo kubizibukira kuko batazatinda gufatwa bakabihanirwa.

Urumogi rubarirwa mu cyiciro cy'ibiyobyabwenge bihambaye aho ubihamijwe n'urukiko ashobora no guhabwa igihano cy'igifungo kugeza kuri burundu.



**Umusore n'umubyeyi we bafatiwe mu cyuho bafite urumogi**

# Burera: Cyanika babangamiwe n'abajura biba amatungo bagapfumura inzu

**NGABOYABAHIZI Protais**

***Bamwe mu baturage bo mu Murenge wa Cyanika, Akarere ka Burera, bavuga ko bahangayikishijwe n'ubujura bukomeje kwibasira aka gace, aho abajura bibasira amatungo yabo ndetse bakajyana no gupfumura inzu, bigatuma bumva umutekano wabo utameze neza.***



**Abiba amatungo magufi ngo bayabagira mu ngo, andi akambuka umupaka ajya Gisoro**

Basaba inzego zishinzwe umutekano gukurikirana iki kibazo kimaze amezi atandatu gikura umutuzo mu baturage.

Abo baturage bavuga ko ubujura bwatangiye buhoro buhoro, ariko bukagenda bugera ku rwego rwo hejuru, ku buryo amatungo yibwa agahita ajyanywa mu gihugu cya Uganda agurishwa ku buryo bworoshye, ayandi akabagirwa mu ngo.

Umwe mu baturage wo mu Kagari ka Karangara, ahazwi nka Santere ya Rwibikonde, yagize ati: "Hano dufite ikibazo gikomeye cy'ubujura bwibasiye amatungo y'ingeri zose, yaba amatungo magufi cyangwa amaremare. Hari abajura bajya kuyakura mu rwuri ku manywa y'ihangu, abandi bakaza nijoro bakayashimuta."

Ati: "Hari inka ziherutse gufatirwa muri Uganda ziragarurwa, ariko ikibazo kiracyakomeye kuko hari n'abakiliya baba bategereje ayo matungo i Gisoro."

Undi muturage we yagize ati: "Ubujura buraturembeje. Basigaye bapfumura inzu, bagatwara ibintu byose byarimo. Baherutse gupfumura inzu y'umuturanyi bamwiba imashini n'ibindi bikoresho byose yari afite. Ubu ntitugisinzira uko bikwiye, turara dukanuye."

Akomeza agira ati: "Hirya no hino mu Isibo twumva abaturage batera induru batabaza ko bibasiwe n'ibisambo. Bigeze aho bamwe muri twe twahisemo kurarana n'amatungo mu nzu zacu kugira ngo tuyakize."

Ubuyobozi bw'Umurenge wa Cyanika buvuga ko ikibazo cy'ubujura bwibasiye abaturage cyamenyekanye, bwagihagurukiye, hari bamwe bamaze gufatwa, ndetse hakaba hari n'amatungo yafatiwe muri Uganda akagarurirwa ba nyirayo.

Sebagabo Prince, Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Umurenge wa Cyanika, yagize ati: "Kuri ubu turimo kugenda tubihashya. Ubushize twafashe bamwe mu bakekwa n'ubwo igatsiko k'amabandi kaba ari kanini. Nko mu minsi yashize, ahagana saa munani z'ijoro, twafatanye abantu ihene enye. Hari n'inka yafatiwe muri Uganda igarurirwa nyirayo."

Abaturage bavuga ko abajura bakunze kwitwaza ibyuma n'ibisongo, bikaba bituma nta muturage ushobora gutinyuka gusohoka mu nzu ngo abarwanye.

Basaba ko ubuyobozi bwakaza amarondo y'umwuga, kuko ngo ari bumwe mu buryo bwizewe bushobora gufasha guhashya ibyo bisambo bibatesha umutuzo.

**BAHUWIYONGERA Sylvestre**

# Rubavu: Yafashwe amaze kwiba umukobwa 120 000 Frw kuri MoMo

***Niyonizeye Emmanuel w'imyaka 23 uvuga ko ari uwo mu Karere ka Kicukiro mu Mujyi wa Kigali yafatiwe mu Murenge wa Kanzenze, Akarere ka Rubavu amaze kwibira kuri telefoni amafaranga 120 000 umukobwa witwa Turikumwenimana Dorcas ucururiza Mobile Money mu Mudugudu wa Nyamirango, Akagari ka Nyamirango, Umurenge wa Kanzenze mu Karere ka Rubavu.***

Turikumwenimana Dorcas yabwiye Imvaho Nshya ko yari ari mu kazi ke nk'ibisanzwe, uriya musore araza amubwira kumushyirira amafaranga 1000 kuri telefoni ye.

Ati: "Namuhaye telefoni yanjye ngo ashyiremo nimero yashakaga gushyiraho ayo mafaranga, aho kubikora, sinzi uburyo yabigenje mu mayeri yabo y'ubujura, ashyiramo umubare w'ibanga, ku mafaranga nari mfitemo akuraho 120 000."

Yakomeje agira ati: "Yahise ampa telefoni ariko mbona adakoze ibyo yambwiraga agiye gukora, ndebye nsanga amafaranga 120 000 avuyeho mpita mufata, ntabaza abari aho baramumfasha, duhamagara ku Murenge, ubuyobozi n'inzego z'umutekano baraza baramutwara, amafaranga yanjye ndayasubirana."

Yasabye bagenzi be bakora umurimo umwe kujya bagira amakenga mu kazi kabo, uwo babona afite imigambi yo kubiba bakamutungira agatoki ubuyobozi hakiri kare, kuko abajura nk'abo beze.

Kayumba Claver wo muri ako Karere, yabwiye Imvaho Nshya ko uretse uyu, hari n'abandi bamaze gucucura abaturage amafaranga atari make, barimo ababahamagara kuri telefoni ngo babayoborejeho amafaranga yabo.

Ati: "Hari ariko abatuzengereje cyane, bahamagara abaturage ngo amafaranga yabo arayobye nibayabasubize, abavuga ngo nibabagurize bigize inshuti z'abo bashaka kwiba, abatera abaturage ubwoba ngo nibatabaha amafaranga barafunga simukadi zabo,n'ubundi bujura bukorerwa ku ikoranabuhanga,twifuza ko ubuyobozi bwakomeza gusobanurira abaturage ngo babwirinde."

Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Umurenge wa Kanzenze, Uwizeye Josiane yavuze ko umukobwa akimara gutaka ko yibwe, anafashe umwibye, ubuyobozi n'inzego z'umutekano bahageze uwo musore bamuta muri yombi. Abajijwe abo bakorana yavuze ko akorana n'uwitwa Iradukunda Pacifique utuye mu Karere ka Gasabo, Umujyi wa Kigali, abandi azabavuga mu iperereza.

Ati: "Turashimira cyane uriya mukobwa wafashe uwo mutekamutwe, tunakangurira abaturage nk'uko duhora tubibabwira kwirinda aba batubuzi kuko iyi ngeso yeze cyane henshi mu gihugu, inatwara abaturage batabisobanukiwe amafaranga atari make. Uwo bayibonyeho bagatangira amakuru ku gihe kugira ngo afatwe, abiryozwe."



**Yafashwe nyuma yo kwiba 120 000 Frw kuri Mobile Money**





## ITANGAZO RY'AKAZI

**REQUEST FOR PROPOSAL (RFP): CLEANING SERVICES**

**Introduction**

The Agahozo-Shalom Youth Village (ASYV) believes that it takes a Village to transform a child. Through healing, education, and love, ASYV empowers orphaned and vulnerable Rwandan youth to build lives of dignity and contribute to a better world. All children deserve a loving family and a safe home. ASYV strives to serve as a model for community-based development.

The Agahozo-Shalom Youth Village (ASYV) is committed to excellence in the operation, cleanliness, and management of its facilities. A safe, clean, and well-maintained environment is essential for the well-being of students, staff, and visitors. As part of our operational strategy, we seek to engage a professional partner to provide reliable and comprehensive cleaning services across the Village.

This Request for Proposals (RFP) invites qualified and experienced firms to deliver cleaning services, including daily routine cleaning, periodic deep cleaning, and waste management. The selected provider will play a critical role in maintaining the hygiene and appearance of ASYV facilities while supporting the smooth operation of our daily activities.

**Objective**

To engage a professional cleaning service provider capable of delivering comprehensive solutions, including but not limited to:

- Daily cleaning and sanitation of classrooms, offices, residences, and common areas.
- Periodic deep cleaning of floors, windows, and sanitary facilities.
- Waste collection and proper disposal across the Village.
- Provision of adequate cleaning supplies, tools, and trained staff.

**Scope of Work**

The selected provider will be expected to deliver a comprehensive cleaning service covering the following areas:

1. **Classrooms and Academic Buildings**: Sweeping, mopping, dusting, window cleaning, and sanitation of desks and equipment.
2. **Residential Facilities**: Daily cleaning of student residences, guest houses, and staff housing.
3. **Offices and Administrative Areas**: Regular cleaning of offices, meeting rooms, and administrative facilities.
4. **Sanitary Facilities**: Thorough cleaning and disinfection of toilets, bathrooms, and handwashing areas.
5. **Common Areas**: Cleaning of dining halls, libraries, recreation areas, pathways, and other shared spaces.
6. **Deep Cleaning**: Scheduled deep cleaning of floors, walls, windows, and other facilities.
7. **Waste Management**: Collection, segregation, and disposal of waste in designated areas.
8. **Staff and Supervision**: Provision of trained, uniformed cleaners with proper supervision and performance monitoring.
9. **Equipment and Supplies Request**: Request the cleaning materials, detergents, disinfectants, and equipment necessary to deliver the service.
10. **Reporting and Communication**: Submission of cleaning schedules, task checklists, and incident reports to ASYV management.

**Site Visit**

A **mandatory site visit** will be organized to allow interested bidders to assess the facilities and understand the scope of work.

- **Location:** Agahozo-Shalom Youth Village (ASYV), Rwamagana District
- **Date:** Friday, October 03. 2025
- **Time:** 9:30 AM

All interested firms are required to attend, as this visit is essential for preparing an informed and accurate proposal.

**Proposal Submission**

Following the mandatory site visit, interested bidders are invited to submit their technical and financial proposals in electronic format to: procurement@asyv.org

- **Submission Deadline:** October 13, 2025
- Late submissions will not be considered.
- Proposals must demonstrate a clear understanding of the scope of services, methodology, deployment plan, and pricing

**Proposal Format**

**1. The Technical Proposal should include:**

- Company profile and relevant experience in providing cleaning services.
- Understanding of ASYV's cleaning needs and proposed service delivery approach.
- Methodology for daily cleaning, periodic deep cleaning, and waste management.
- Proposed staffing plan, deployment, and supervision.
- Service schedule and implementation plan.
- References from previous clients (preferably similar institutions).

**2. The Financial Proposal should include:**

- Detailed cost breakdown (e.g., per cleaner, per shift, per month).
- Any applicable taxes, statutory benefits, or additional costs.
- Payment terms and conditions.
- Validity period of the financial offer.

**Evaluation Criteria**

Proposals will be evaluated based on the following:

**Technical Proposal – 70%**

- Relevant company experience and past performance – 25%
- Understanding of the assignment and methodology – 25%
- Proposed staffing plan, deployment, and supervision – 20%

**Financial Proposal – 30%**

- Cost competitiveness and transparency – 20%
- Payment terms and conditions – 10%

**Contact Information**

For any inquiries regarding this RFP, please contact:

+250 782 854 149
procurement@asyv.org

Agahozo-Shalom Youth Village (ASYV)
Rwamagana District, Rwanda

Jean-Claude NKULIKIYIMFURA

Chief Executive Officer (CEO)

## ITANGAZO RY'ISOKO

AEE Rwanda
In Word and Deed — We Serve

**ITANGAZO RYO GUPIGANIRA ISOKO**

**GUTANGA IBIKORESHO BYO MURI ECD BIRIMO: INTEBE Z'ABANA, AMEZA Y'ABANA, INTEBE Z'ABARIMU, AMEZA Y'ABARIMU, ETAGERE Z'ABANA, ETAGERE ZIHAGAZE, IBIKARABIRO BYIMUKANWA, PORTE MANTO ZO KUMANIKAHO IMIPIRA Y'ABANA, HAMWE N'IMIKEKA.**

AEE – RWANDA, Ishami rya Rusizi irifuza gutanga isoko ryo gutanga ibikoresho bya ECD byavuzwe haruguru bizatangwa kuri ECD ebyiri.

Ibisobanuro birambuye murabisanga mu gitabo kigaragaza imiterere y'isoko muzakibona hamaze kwishyurwa amafranga ibihumbi icumi (10,000Frs) adasubizwa, azishyurirwa kuri konte ya AEE – Rwanda No. 00040-00047325-22 RWF iherereye muri bank ya Kigali.

Urupapuro rugaragaza ku wishyuye ibihumbi icumi ruzanyuzwa kuri email jmunyeragwe@aeerwanda.ngo, ugatanga copy kuri tnsengiyumva@aeerwanda.ngo, hanyuma ubone kwohererezwa kopi y'igitabo kigaragaza imiterere y'isoko kuri email.

Ibaruwa ifunze neza y'ipiganwa yanditseho "AEE – Rwanda, Ishami rya Rusizi, Gupiganira isoko ry'ibikoresho bya ECD" izatangwa ku biro bya AEE, ishami rya Rusizi biherereya i Kamembe, ku muhanda ugana Gihundwe haruguru gato ya Carrefour Hotel. Amabaruwa azakirwa mu minsi y'akazi bitarenze kuwa kabiri taliki ya 14/10/2025, bitarenze saa yine za mu gitondo (10.00 AM). Amabaruwa azaza nyuma y'iyo saha ntazakirwa.

Gufungura amabaruwa ku mugaragaro bizakorwa uwo munsi saa yine na cumi n'itanu (10:15 AM) ku biro bya AEE, Ishami rya Rusizi.

Amabaruwa agomba kuba akubiyemo: 1. Seritifika ya RDB 2. Icyemezo cyo kutabamo imisoro ya Leta na RRA 3. Icyemezo ko akoresha EBM 4. Ibiciro bigomba kuba birimo umusoro na transport

Ku bindi bisobanuro mwakenera, mwabaza kuri Tel. 0788894511

Bikorewe Rusizi kuwa 03/10/2025

**MUSAFIRI Francois Xavier**

Umuhuzabikorwa wa AEE – Ishami rya Rusizi.

*To Evangelize the Cities of Africa through the Word and Deed in Partnership with the Church*

KG 201 Street 46, Remera Sector, Gasabo District, P.O. Box 1435 Kigali, Rwanda Tel +250788381852 Web: www.aeerwanda.ngo; Email: aee@aeerwanda.ngo

## ITANGAZO RY'AKAZI

UR - HG Ltd
University of Rwanda-Holdings Group Ltd

**JOB VACANCY ANNOUNCEMENT-UR-HG LTD**

University of Rwanda Holdings Group Limited (UR - HG Ltd) is a limited company fully owned by University of Rwanda, (UR). Its business activities aim to optimise UR assets for the benefits of University. Those activities cover the management of UR income generating units; including but not limited to services of Health care, Consultancies, catering, Media as well as agro-veterinary business.

UR HG Ltd would like to recruit the motivated and experienced staff for the following vacant position:

| S.N | Post& Grade | Job summary | Key basic requirements | Number |
|---|---|---|---|---|
| 1 | Business Management Accountant**(G-3B)** | Coordinated and oversaw company management and consultancy activities to support strategic decision-making and operational efficiency | Bachelor's degree in Business Administration with relevant experience of 3 years. She/he must have at least an Intermediate level of CPA | 1 |

Interested applicants should submit copies of application letter, C.V, copies of certificates and Identity cards or passports as well as valid License of practice for Professional Health services provider in one pdf document by email to: hrurholding@gmail.com, with cc *to* ceo.urholdings@gmail.com, fm.urhg@gmail.com. not later than Friday 03/10/2025 at 5:00 p.m. only short listed candidates will be contacted.
For more information, including detailed terms and conditions, please visit the official websites of UR-HG LTD (www.holdingsgroup.ur.ac.rw) and the University of Rwanda (www.ur.ac.rw).

**Done at Kigali on 29/09/2025**

**UR-HG Ltd**
**Management**

SOMA IMVAHO NSHYA, IGUHE AMAKURU AGEZWEHO BURI MUNSI WWW.IMVAHONSHYA.CO.RW

## ITANGAZO RYA CYAMUNARA

**ITANGAZO RYA CYAMUNARA**

MU RWEGO RWO GUSHYIRA MU BIKORWA ICYEMEZO CY'UMWANDITSI MUKURU N°025-186413 CYO KUGURISHA INGWATE CYATANZWE KWITALIKI 10/9/2025 KUGIRANGO HISHYURWE UMWENDA WA BANK.

USHINZWE KUGURISHA INGWATE ARAMENYESHA ABANTU BOSE KO AZAGURISHA MU CYAMUNARA MU BURYO BW'IKORANABUHANGA UMUTUNGO UTIMUKANWA. UGIZWE N'INZU IRI MUKIBANZA (PLOT) UPI 5/07/09/03/542. BUFITE AGACIRO KANGANA NA (**45,146,683Frws**). UHEREREYE MU MUDUGUDU WA KAGOMA, AKAGARI KA KIBUNGO, UMURENGE WA NTARAMA, AKARERE KA BUGESERA, MU BURASIRAZUBA.

IPIGANWA MU BURYO BW'IKORANABUNGA RIZAKORWA MUBURYO BUKURIKIRA:

**INGENGABIHE Y'UBURYO CYAMUNARA ZIZAKURIKIRANA MU GIHE HABAYEHO IYIMURWA RYA CYAMUNARA**

| CYAMUNARA | UMUNSI/UKWEZI | UMWAKA | ISAHA |
|---|---|---|---|
| 1 | 04/10 kugeza 11/10 | 2025 | Saa Tanu z'amanywa (11h00) |
| 2 | 13/10 kugeza 20/10 | 2025 | Saa Tanu z'amanywa (11h00) |
| 3 | 22/10kugeza 29/10 | 2025 | Saa Tanu z'amanywa (11h00) |

USHAKA GUPIGANWA ATANGA IGICIRO ANYUZE KURUBUGA RW'INYANDIKO MPESHA ZIRANGIZWA www.cyamunara.gov.rw KANDI AKISHYURA INGWATE YIPIGANWA ANGANA NA (**2,257,334FRW**)NUKUVUGA 5% YUMUTUNGO UGURISHWA AKAYISHYURA MUBURYO BW'IKORANABUHANGA ABINYUJIJE KURUBUGA www.cyamunara.gov.rw.UWEGUNYE INGWATE AGOMBA KWISHYURA KURI KONTI N°**7075311** MUDAHEMUKA Barahira Johnson IRI MURI ZIGAMA CSS.

GUSURA UMUTUNGO NI BURI MUNSI MU MASAHA Y'AKAZI.

UKENEYE IBINDI BISOBANURO MWAHAMAGARA KURI Tel; **0788854928**

BIKOREWE KIGALI 03/10/2025

Me Mudahemuka Barahira Johnson

Ushinzwe Kugurish'Ingwate

Me Barahira MUDAHEMUKA Appointed Receiver Tel:0788854928

## ITANGAZO RYA CYAMUNARA

**ITANGAZO RYA CYAMUNARA**

MU RWEGO RWO GUSHYIRA MU BIKORWA ICYEMEZO CY'UMWANDITSI MUKURU N°025-186411 CYO KUGURISHA INGWATE CYATANZWE KWITALIKI 10/9/2025 KUGIRANGO HISHYURWE UMWENDA WA BANK.

USHINZWE KUGURISHA INGWATE ARAMENYESHA ABANTU BOSE KO AZAGURISHA MU CYAMUNARA MU BURYO BW'IKORANABUHANGA UMUTUNGO UTIMUKANWA. UGIZWE N'AMAZU ARI MUKIBANZA (PLOT) UPI 2/06/09/06/5850. BUFITE AGACIRO KANGANA NA (**89,138,822 FRWS**). UHEREREYE MU MUDUGUDU WA NYAMAGANA, AKAGARI KA NYAMAGANA, UMURENGE WA RUHANGO, AKARERE KA RUHANGO, MU MAJYEPHO.

IPIGANWA MU BURYO BW'IKORANABUNGA RIZABA MUBURYO BUKURIKIRA:

**INGENGABIHE Y'UBURYO CYAMUNARA ZIZAKURIKIRANA MU GIHE HABAYEHO IYIMURWA RYA CYAMUNARA.**

| CYAMUNARA | UMUNSI/UKWEZI | UMWAKA | ISAHA |
|---|---|---|---|
| 1 | 04/10 kugeza 11/10 | 2025 | Saa Sita z'amanywa (12h00) |
| 2 | 13/10 kugeza 20/10 | 2025 | Saa Sita z'amanywa (12h00) |
| 3 | 22/10kugeza 29/10 | 2025 | Saa Sita z'amanywa (12h00) |

USHAKA GUPIGANWA ATANGA IGICIRO ANYUZE KURUBUGA RW'INYANDIKO MPESHA ZIRANGIZWA www.cyamunara.gov.rw KANDI AKISHYURA INGWATE YIPIGANWAANGANA NA (**4,456,941FRWS**) NUKUVUGA 5% YUMUTUNGO UGURISHWA AKAYISHYURA MUBURYO BW'IKORANABUHANGA ABINYUJIJE KURUBUGA www.cyamunara.gov.rw.UWEGUNYE INGWATE AGOMBA KWISHYURA KURI KONTI N°**7075311** MUDAHEMUKA Barahira Johnson IRI MURI ZIGAMA CSS.

GUSURA UMUTUNGO NI BURI MUNSI MU MASAHA Y'AKAZI.

UKENEYE IBINDI BISOBANURO MWAHAMAGARA KURI Tel; **0788854928**

BIKOREWE KIGALI 03/10/2025

Me Mudahemuka Barahira Johnson

Ushinzwe Kugurish'Ingwate

## ITANGAZO RYA CYAMUNARA

**ITANGAZO RYA CYAMUNARA**

MU RWEGO RWO GUSHYIRA MU BIKORWA ICYEMEZO CY'UMWANDITSI MUKURU, **Ref. No.:** O25-184726 CYO KUWA 08/09/2025 CYO KUGURISHA INGWATE MU CYAMUNARA HAGAMIJWE KWISHYURA UMWENDA WA BANKI;

UWASHINZWE KUGURISHA INGWATE, **Me TUYIRINGIRE Gilbert** ARAMENYESHA ABANTU BOSE KO AZAGURISHA MURI CYAMUNARA BINYUZE MU BURYO BW'IKORANABUHANGA UMUTUNGO UTIMUKANWA URIHO INZU YO GUTURAMO UBARUWE KURI **UPI: 1/02/01/04/1375** UHEREREYE MU MUDUGUDU WA **MUNINI AKAGARI** KA **NGARA** UMURENGE WA **BUMBOGO** AKARERE KA **GASABO** HAGENDEWE KU NGENGABIHE IRI MURI IYI MBONERAHAMWE:

**VII.Ingengabihe ya cyamunara n'uburyo zizakurikirana mugihe habayeho iyimurya ryayo**

| *CYAMUNARA* | *UMUNSI /UKWEZI* | *UMWAKA* | *ISAHA* |
|---|---|---|---|
| 1 | Kuva 10/10 kugeza 17/10 | 2025 | Saa tanu za mugitondo (11h00) |
| 2 | Kuva 19/10 kugeza 26/10 | 2025 | Saa tanu za mugitondo (11h00) |
| 3 | Kuva 28/10 kugeza 04/11 | 2025 | Saa tanu za mugitondo (11h00) |

UWO MUTUNGO UTIMUKANWA UFITE UBUSO BUNGANA NA **$M^2$ 465** UFITE AGACIRO FATIZO KANGANA NA 27.357.600 **frws;** BITYO INGWATE Y'IPIGANWA YA **5%** INGANA NA 1.367.880 FRWS USHAKA GUPIGANWA AKURA CODE YISHYURIRAHO MURI SYSTEM YAMARA KWISHYURA N'UBUNDI AGAHABWA INDI CODE YUZUZA MURI SYSTEM KUGIRA NGO APIGANWE.

USHAKA GUPIGANWA ATANGA IBICIRO BINYUZE MU BURYO BW'IKORANABUHANGA KURI: https://iecms.gov.rw/auction ARI NAHO MUSANGA IFOTO Y'UMUTUNGO N'IGENAGACIRO

N.B: **Ushaka kupiganwa agomba kuzuza imyirondoro yose yasabwe na System. UTSINZE YISHYURA KURI KONTI YA RECEIVER(TUYIRINGIRE Gilbert) IFITE NO MURI EQUITY BANK 4411829932 RWANDA PLC**GUSURA UWO MUTUNGO BIKORWA IMINSI YOSE MU MASAHA Y'AKAZI.ABIFUZA IBINDI BISOBANURO BAHAMAGARA USHINZWE KUGURISHA INGWATEKURI TELEFONI NGENDANWA: **0785199911.**

**Mboneyeho gusaba impande zombi uwishyuza n'uwishyuza gutanga email ihujwe na system kugira ngo bahuzwe na system.**

Me TUYIRINGIRE Gilbert

**Bikorewe i Kigali, kuwa 29/09/2025.** UWASHINZWE GUCUNGA INGWATE

Me TUYIRINGIRE Gilbert TEL: 0785199911

## ITANGAZO RYA CYAMUNARA

**ITANGAZO RYA CYAMUNARA**

MU RWEGO RWO GUSHYIRA MUBIKORWA ICYEMEZO CY'UMWANDITSI MUKURU CYO KUGIRISHA INGWATE ICYEMEZO NOMERO 025 - 192675 CYO KUWA 16/09/2025 USHINZWE KUGURISHA INGWATE ARAMENYESHA ABANTU BOSE KO AZAGURISHA MURI CYAMUNARA INZU IRI MU KIBANZA GIFITE UPI: 5/07/12/04/4298, GIFITE UBUSO BUNGANA NA 385 Sqm N'AGACIRO KANGANA NA 13.210.000FRW GIHEREREYE MU MUDUGUDU WA GASEKE, AKAGARI KA NTARAMA, UMURENGE WA RILIMA, AKARERE KABUGSERA MU NTARA YIBURASIRAZUBA.

CYAMUNARA KU NSHURO YA MBERE: IPIGANWA MU BURYO BWIKORANABUHANGA RIZATANGIRA KUWA 20/10/2025 I SAA MOYA ZA MUGITONDO RIZARANGIRE KUWA 27/10/2025 I SAA MOYA ZA MUGITONDO.

CYAMUNARA KU NSHURO YA 2: IPIGANWA MU BURYO BWIKORANABUHANGA RIZATANGIRA KUWA 29/10/2025 I SAA MOYA ZA MUGITONDO RIZARANGIRE KUWA 06/11/2025 I SAA MOYA ZA MUGITONDO.

CYAMUNARA KU NSHURO YA 3: IPIGANWA MU BURYO BWIKORANABUHANGA RIZATANGIRA KUWA 08/11/2025 I SAA MOYA ZA MUGITONDO RIZARANGIRE KUWA 15/11/2025 I SAA MOYA ZA MUGITONDO.

ABIFUZA GUPIGANWA BOSE BAGOMBA KWIYANDIKISHA KU RUBUGA WWW.CYAMUNARA.GOV.RW KUKO ARIHO IPIGANWA RIKORERWA KANDI BAKABANZA KWISHYURA INGWATE Y'IPIGANWA INGANA NA 660.500FRW AHWANYE NA 5% BY'AGACIRO K'UMUTUNGO UGURISHWA KAVUZWE HARUGURU. AYO MAFARANGA AGASHYIRWA KURI KONTI YITWA AUCTION FUNDS MINIJUST IRI MURI BANKI YA KIGARI. UZABA YATSINZE IPIGANWA AZISHYURA MUGIHE CYAMASAHA 72 KURI KONTI 1020408497500101 IRI MURI VISION FUND RWANDA MU MAZINA YA KARIGIRWA ZAINABU

TUBONEYEHO KWIBUTSA BANKI , NYIRIGUHABWA INGUZANYO NA BANYIRUMUTUNGO KO BAGOMBA KUDUHA UMWIRONDORO WABO KUGIRA NGO TUBAHUZE N'URUBUGA RWASHYIRIWEHO KURANGIZA INYANDIKO MPESHA MU BURYO BW'IKORANABUHANGA (IECMS) BITYO BAZABASHE GUKURIKIRANA IBIJYANYE NIYI CYAMUNARA NDETSE NO KUBA BAHAKANA IGICIRO KININI KIZABA CYATANZWE NTIBAKISHIMIRE KIKABA KITAGEZE KURI 75% BYAGACIRO KU MUTUNGO UGURISHWA KANDI IBYO BIGAKORWA KURI CYAMUNARA YA MBERE NIYA 2 KUKO KURI CYAMUNARA YA NYUMA UWATANZE IGICIRO KININI NIWE WEGUKANA UMUTUNGO UPIGANIRWA.

GUSURA INGWATE BIKORWA KUVA IGIHE IPIGANWA RITANGIRIYE BURI MUNSI MU MINSI YAKAZI KUVA SAA TATU ZA MUGITONDO KUGEZA SAA KUMI ZUMUGOROBA.

KU BINDI BISOBANURO MWAHAMAGARA KURI TELEPHONE IGENDANWA 0788686978.

USHINZWE KUGURISHA INGWATE

ME KARIGIRWA ZAINABU

KARIGIRWA Zainabu USHINZWE GUCUNGA INGWATE tel 0788686978





# Rayon Sports yanganyije na Gasogi United yuzuza umukino wa kane nta ntsinzi (Amafoto)



Harerimana Abderaziz ni we wishyuriye Rayon Sports igitego cya kabiri nyuma yo kwinjira asimbuye

**SHEMA Ivan**

***Rayon Sports yanganyije na Gasogi United ibitego 2-2 mu mukino w'umunsi wa gatatu wa Shampiyona wabereye kuri Kigali Pele Stadium, ku Cyumweru, tariki ya 5 Ukwakira 2025.***

Ikipe ya Rayon Sports yatangiye neza umukino bidatinze ku munota wa kane yafunguye amazamu ku gitego cyatsinzwe na Tambwe Gloire ku ishoti yatereye muri metero enye, mu rubuga rw'amahina, nyuma y'uko Tony Kitoga yari ateye ishoti rigakurwamo na myugariro wa Gasogi United.

Nyuma yo gutsindwa igitego Gasogi United yinjiye mu mukino itangira gusatira ishaka icyo kwishyura.

Ku munota wa 15, Gasogi United yabonye igitego cyo kwishyura ku mupira wavuye muri koruneri usanga Ngono Guy Herve wari uhagaze neza mu rubuga rw'amahina, ahita awuboneza mu izamu.

Gasogi United yakomeje gusatira ishaka igitego cya kabiri binyuze kuri Ndikumana Danny wari wagoye ba myugariro ba Rayon Sports.

Ku munota wa 28, Gasogi United yatsinze igitego cya kabiri cyinjijwe na Kokoete Udo ku ishoti rikomeye yatereye inyuma y'urubuga rw'amahina, umunyezamu Pavelh Ndzila ananirwa kuwukuraho umupira ujya mu rushundura.




Abakinnnyi ba Gasogi United bishimira igitego cya kabiri

Igice cya mbere cyarangiye Gasogi United yatsinze Rayon Sports ibitego 2-1.

Rayon Sports yatangiranye impinduka mu gice cya kabiri Mohamed Chelly, Ishimwe Fiston na Harerimana Abderaziz basimbura Ntarindwa Aimable, Aziz Bassane na Tony Kitoga.

Izi mpinduka zatanze umusaruro kuko ku munota wa 53, Harerimana Abderaziz yatsinze igitego cya kabiri cyo kwishyura ku mupira wahinduwe na Sindi Paul mu rubuga rw'amahina, awushyira mu izamu.

Ku munota wa 62, Gasogi United yabuze amahirwe yo gutsinda igitego cya gatatu ku mupira watakajwe na Rushema Chris, usanga Kokoete ateye mu izamu, ku bw'amahirwe ye make umunyezamu Ndzila na Diagne bakiza izamu.

Iminota 10 ya nyuma y'umukino yihariwe cyane na Rayon Sports yashakaga igitego cya gatatu cy'itsinzi.

Ku munota wa 88, yashoboraga kubona igitego cya gatatu ku mupira Hakim Hamissi yahawe ari mu rubuga rw'amahina, awuteye mu izamu ariko umusifuzi wo ku ruhande, Habumugisha Emmanuel agaragaza ko habayeho kurarira.

Umukino warangiye amakipe yombi anganyije ibitego 2-2.

Rayon Sports yujuje umukino wa kane wikurikiranya nta ntsinzi mu marushanwa yose, aho yatsinzwe imikino itatu iheruka.

Gasogi United yagize amanota atanu ifata umwanya wa kane naho Rayon Sports igira amanota ane ku mwanya wa karindwi.



Ngono Guy Herve yishimira igitego cyo kwishyura yatsindiye Gasogi United

Ngoni Guy Herve wa Gasogi United ni we wabaye umukinnyi w'umukino, ahembwa ibihumbi 100 Frw.

Undi mukino wabaye uyu munsi, Gicumbi FC iherutse kuzamuka mu cyiciro cya mbere yabonye atatu ya mbere nyuma yo gutsinda Amagaju FC ibitego 2-0.



Rayon Sports yanganyije na Gasogi United 2-2




Tambwe Gloire yishimira igitego yatsinze hakiri kare

Imvaho Nshya
Siporo




NO .E-33 TARIKI 30 NZERI - 6 UKWAKIRA 2025 RPC P.O.BOX 3854 KIGALI-RWANDA TEL: +250 785 474 045 E-mail: info@rpc.rw

# APR FC yasezerewe na Pyramids FC inzozi zo kujya mu matsinda zikomeza kuba amateka



Mostafa Ziko yishimira igitego cya mbere yatsinze

SHEMA Ivan

***APR FC yari ihagarariye u Rwanda muri CAF Champions League yasezerewe na Pyramids FC yo mu Misiri mu ijonjora rya mbere nyuma yo gutsindwa ibitego 3-0 mu mukino wo kwishyura, byiyongera kuri 2-0 yatsindiwe i Kigali, iviramo ku giteranyo cy'ibitego 5-0.***

Uyu mukino wabaye ku mugoroba wo kuri iki Cyumweru tariki ya 5 Ukwakira 2025, ni bwo hakinwe umukino wo kwishyura wabereye i Cairo mu Misiri kuri Stade yitiriwe 30 Kamena.

Umukino ubanza wabereye i Kigali, APR FC yari yatsinzwe ibitego 2-0.

APR FC yagiye mu Misiri idafite Djibril Ouattara urwaye na Mugisha Gilbert wakoze ubukwe kuri iki Cyumweru.

Ni mu gihe Mamadou Sy na Dauda Yussif Seidu bakuwe mu bakina umukino ku munota wa nyuma kubera imyitwarire mibi itigeze itangazwa n'iyi kipe.

Pyramids FC yari mu rugo ni yo yatangiye umukino neza yiharira cyane umupira ku kigero cya 78%.

Ku munota 43, Pyramids yafunguye amazamu ku gitego cyatsinzwe na Mostafa Ziko.

Igice cya mbere cyarangiye Pyramids FC yatsinze APR FC igitego 1-0.

Mu ntangiriro z'igice cya kabiri, Ishimwe Pierre yakoze akazi gakomeye, akuramo imipira ibiri ikomeye yatewe n'abakinnyi ba Pyramids FC, irimo n'uwo yahagarikiye ku murongo.

Ahmed Atef yatsinze igitego cya kabiri n'umutwe ku munota wa 60, hadashize iminota ibiri na Mohamed Hamdi atsinda igitego cya gatatu ku ruhande rwa Pyramids FC.

Umukino warangiye APR FC yatsinzwe na Pyramids FC ibitego 3-0 mu mukino wo kwishyura, isezererwa ku giteranyo cy'ibitego 5-0 mu mikino yombi.

Ni inshuro ya Gatatu yikurikiranya APR FC isezerewe na Pyramids muri CAF Champions League.

Mu nzira igana mu matsinda Pyramids FC izahura na Ethiopian Insurance yo mu Ethiopia yasezereye Mlandege FC yo muri Zanzibar ku bitego 4-3.



Hakim Kiwanuka agerageza gucenga Mohamed Chibi



William Togui ari mu bakinnyi ba APR FC batahiriwe n'umukino



Ku nshuro ya gatatu yikurikiranya, Pyramids FC yasezereye APR FC CAF Champions League